


UMWAMI WANZWE

 ...kubw'ubwiza bw'Umwami butugereho uyu muni binyuriye mu gukorera Ijambo. Kandi ni a . . .

² Muri iki cyumweru gishize, numvaga ikirere no m'umubiri wangiyeye nk'aho ntameze neza. Si ukutamera neza nyakuri; ahubwo ryari isuzuma nagombaga gukorerwa, ibizamini by'umubiri. Kandi ibyo mwumvise, ni uko nari mu bitaro. Mubyukuri, impamvu nagiyeyo yari kugirango nirinde gusubirayo inshuro nyinshi hakurya nyuma yo kwambuka uruzi. kandi, ugezeyo bagupima igice cy'inda yo hejuru, n'igice cyo hasi. Kandi bajya babikora guryo, buri minota runaka, nigombwa ko babisubiramo bakarebera mu cyuma cya x-ray. Ariko nigombwa ko twanyuramo twese, niba twifuzaga kujya mu butumwa hakurya y'inyanja, buri mezi atandatu. Mwene Data Roberts hamwe n'abandi bose, ndategereza ko, babona ibyabo buri mezi atandatu. Ariko sinari mperutse kunyuramo hashize imyaka ine.

³ Ikibazo cyanjye ngira, hari gusa ayo mavuta ya castor sinyakunda rwose, n'icyo ni ikindi kintu. Kandi bati ntakindi bashobora gutanga aho, nuko njye, yewe, ndarwara cyane iyo bampaye ibyo bintu. Murabizi, Nababwiye, mu mateka y'ubuzima bwanjye, uko ibyo bintu bijya bintera kumera nabi cyane. Kandi—kandi nanga kubifata. Kandi nabwiye inshuti yanjye umuganga mwiza, niba . . . “Ese nta kindi kintu mugira se?”

Na we arasubiza ati: “Ntabwo ari ko ntekereza, Mwene Data Branham.”

⁴ Yewe, mu gihe uwo mudamu yinjiraga aho, yasaga naho, wenda ndi gukabya, ariko, yasaga na paki nini. Bya—byari . . . sinigeze mbona byinshi nk'ibi. Ahubwo nafashe umwuka wanjye ndawufunga. Ariko amaherezo nabashije kuwumira.

⁵ Ariko ubu, mubigeragezo byose, kandi byose byanyuzwe, nashakaga gushimira Uwituka kubw'isuzuma ryiza. Naratsinze, ijana ku ijana; kandi biranamfasha gushobora kujya ahantu hose kw'isi nshaka kujya. Nabajije abaganga, bari batatu mu bahanga beza, ko, njyewe—njyewe ndakeka ko ari, i Louisville. Narababajije nti: “Mfite byibura ubumuga icumi ku ijana?”

⁶ Bansubiza bavuga bati: “Ntabwo ari ubumuga bumwe.” Ati—ati: “Ufite ubuzima bwiza, mu buryo bwose.” Kandi ndashimira Imana cyane. Ninde wundi wadutabara uretse Data wo mu ijuru, murabyumva, kugirango ibintu bibe bimeze gutyo?

⁷ Akomeza avuga ati: “Ibyawe . . . Imitsi yawe yose irerekana, muri yo ko, ukiri muto.” Baravuga bati: “Uturemangingo

tw'amaraso ntaturatangira no kumeneka, cyangwa ikindi kintu cyose.” Baravuga bati: “Umeze neza cyane, Mwene Data Branham.”

Kandi ndamusubiza nti: “Ni byiza, ndishimye cyane.”

⁸ Kandi nagize amahirwe yo kuvuga, mpamiriza umuforomo wese uri muri ibyo bitaro, na buri muganga, kuby’Ubwami bw’Imana. Umuganga umwe, ngira ngo yagombaga kuba ari hano muri iki gitondo. Kandi njye—njye nzabikora... Nejejwe no kumenya ko kuri iyi si hakiri abagabo beza, abagabo nyabo, abagabo bari mu bushake bwo kumfasha mu minsi itanu, binyuze mu bizamini by’isuzuma ry’umubiri, kandi birashoboka ko buri kizamini cy’isuzumisha cyadutwara hagati y’amadorari magana abiri cyangwa magana atatu. Igihe nanyuragamo kwivuzwa, bambwiraga bati: “Uyu ni umusanzu wacu mu murimo w’Umwami, ibyo ukora.” Murabyumva? Yego. Ndetse nta n’ubwo ari... Aravuga ati: “Kuberiki, udutera ipfunwe, ku buryo utubaza niba udufitiye umwenda.” Aravuga ati: “Gusa n’amasengesho yanyu kuri twe!”

⁹ “kandi imbere,” baravuze bati: “twumvise muri twe amarangamutima y’ikintu tudashobora gusobanukirwa.” Nanjye ndavuga nti... “Twebwe... Ni—ntabwo bisa...” Arakomeza avuga ati: “Inyuma, ntabwo ufite ubwoba cyangwa ngo uhungabane. Ariko,” ati: “imbere muli twe, hari amarangamutima tudashobora kumva.”

¹⁰ Nдавуга nti: “Niba muza kwicara hano akanya gato, ndababwira.” Nyuma y’ibyo, nagiyeye kuvuga kubyerekeye iyerekwa. ibyo byari urundi rubuga rw’ibintu kuri bo. Nta cyo bari babiziho. Nababwiye ibya Bibiliya. Hanyuma mbabwira iyerekwa Umwami yampaye ejo bundi, nyuma yabo kumva ibyo nababwiraga bararira nk’abana. Bari bicaye aho barira. Nanjye... bo... Nдавуга nti: “Nizere ko utamfata nk’ibisambo by’idini cyangwa nk’abandi.”

¹¹ Baravuga bati: “Oya, mwene Data Branham. Turabyizera byose n’umutima wacu wose.” Baravuga bati: “Ariko ikintu kimwe gusa dushaka kuvuga: Ntabwo uya mw’ishuri ngo wige ibyo bintu.” Aravuga ati: “Nizera ko bikomoka ku Mana Ishobora byose.” Kandi abo bari batatu mu baganga b’indashyikirwa i Louisville, n’abaganga binzobere cyane bari bafite. Kandi, nuko, narishimye cyane kubw’ibyo, no kumenya ko ahari Uwitwaga anyemerera kubiba Imbutu zimwe.

¹² Buri muforomo, yavuganaga nabo. Bo, umunsi umwe mu gitondo, mu gusohoka mu cyumba cya radiyogarafi, navuganyeye na... Nitegereje umukecuru w’umukene. Yari arembye cyane. Nakomeje kumanuka, ndamanuka kugeza igihe namugereyeho. Natekereje ko ashobora gupfa. Nanjye nti: “Ndashaka kukubaza ikibazo, mushiki wanjye.”

Aravuga ati: “Yego, mugenzi.”

Ndavuga nti: “Uri Umukristo?”

Na we ati: “Ndi mu itorerero *runaka*.”

¹³ Nanjye nti: “Gusa ndashaka kubisobanura neza.” Naravuze nti: “Njye—njye ndashaka kumenya niba uri Umukristo, Umukristo w’ukuri. Ko, niba ugomba kwambuka iyi nyanja y’ubuzima, kugirango winjire mu kindi Gihugu, ese uramukunda?” Ndavuga nti: “Wakizwa rwose?”

Na we ati: “Yego Mugenzi. Ngomba kubikora.”

¹⁴ Nanjye nti: “Noneho Imana ihe umuisha umutima wawe. Ntakibazo cyaba uko umuyaga uhuha, muba mumeze neza icyo gihe, mu gihe bigenda gutya.”

¹⁵ Niba kandi tugeze hano, hari abantu benshi beza nyamara bavuye kw’isi.

¹⁶ Noneho, uyu muni, ninjiye nzanye iyerekwa nza kubabwiraho nyuma gato. Kandi ndashaka gutangira kuvuga, mbere na mbere, kuri rimwe mu Ijambo, ’kuko nizera ko Ijambo ari ngombwa, ni ngombwa cyane ubu. Kandi nshimishijwe no kubona Charlie Cox, kandi, mwene Data, inshuti yanjye uhagaze aho, hamwe n’abandi. Mwene Data, sinshobora gutekereza. . . Jeffries, sinshobora gutekereza izina rye. Benshi muri mwe bavandimwe b’agaciro baturutse muri Jeworujija, baturutse mu bice bitandukanye by’igihugu. Mugenzi wanjye wa kera, Bill, wicaye hano, ndizera ko ari byo, muri iki gitondo. Kandi—kandi benshi. . . Na mwene Data wo muri Jeworujija hariya, abantu bampaye iyi kositimu. Murabizi, ni byo—imwe mu makositimu meza nigeze kwambara. Ukumva ko ari byiza cyane, rwose ni byiza cyane. Kandi musobanuye byinshi kuri njye. Iyo mbabwiye uko byagenze, muri iyi minsi yashize, kuri njye, muzabona impamvu ntekereza ko bivuze byinshi kuri njye.

¹⁷ Noneho, ndizera ko, niba Umwami abishatse, ndashaka gukomeza urugamba kurusha mbere hose, mu buzima bwanjye. ’Kubera ko, nsanze ubu ari byo. . . Kubera ko, nshobora gupfa uyu muni. Ibyo, ntimubizi. Electro-cardiograms yanjye n’ibindi byose, amashusho cumi n’atandatu atandukanye ya x-rays, yego, isuzuma ry’umubiri wose, byerekanye ko ndi mu. . . nk’uko bisanzwe nk’uko umuntu uwo ari we wese yabishobora, ikiremwa muntu kw’isi. Ndabashimira rero kubw’ibyo. Arika, ibintu byose, ndetse n’ibyo byose, kandi nk’uko nshima kandi nshimira Imana, ni uko nteye, nizera ko Agikomeza mu murimo We, ntabwo ari byo yanyeretseho gato mbere y’ibyo, murareba, byaranshimishije cyane.

¹⁸ Noneho, ndatekereza ko, iri joro. . . Byose ari byiza hamwe namwe? [Mwene Data Neville aravuga ati: “Yego mugenzi.”—Ubwanditsi.] Mwene—mwene Data w’igiciro ni—ni wa muntu utarangwa no kwikunda, ni—ni mwene Data Neville. Niba se kandi hari n’umwe muri mwe wari uri hano ku Cyumweru gishize akumva ubwo butumwa buhebuje yazanye, ku “urwabuya

rw'amavuta," byari hanze-... bumwe mu butumwa buhebuje numvise, ni bwo mwene Data Neville yazanye, n'Umwuka Wera, ku Cyumweru gishize, kuri ubu bushyho bw'intama Imana yakusanyije.

¹⁹ Niba kandi ari byiza, gushimisha Uwituka, hamwe na mwene Data Neville hamwe n'itorero, Ndashaka kongera kuvuga iri joro ntangira uruhererekane rw'amagambo, mvuga, mu ijoro ryo kuwa Mbere... Ndashaka kuvuga, ijoro ryo ku Cyumweru, n'ijoro ryo kuwa Gatatu, no ku Cyumweru gitaha, uruhererekane rw'ibyo nizeho.

²⁰ Ntabwo nagombaga kuguma ahongaho mu bitaro. Ariko bari beza kuri nje, bampa icyumba hafi kuri kimwe cya gatatu cy'igicro. Nahise mfata Bibiliya zanjye, ibitabo byanjye, mbishyira ku buriri, hejuru aho, maze mbona Bibiliya zanjye zose n'ibintu byegeranye. Kandi rwose nari mfite igihe, kugeza bazanye ayo mavuta ya casitoro. Igihe cyanjye cyiza cyahagarariye aho. Njye—njye icyo gihe ni bwo narangije. Ariko, mwene Data Pat, nari ndwaye rwose. Ibyo bintu, gusa sinashoboraga no guhagarara. Kandi, ariko nagize ibihe byiza, kugeza mu minsi itatu cyangwa ine ya mbere. Nagize ibihe byiza.

²¹ Kandi nigaga ku gitabo cy'Abefeso. Yoo, uko gushyira hamwe kw'Itorero! Kandi nibaza ko ari ikintu cyiza.

²² Kandi—kandi niba mwebwe, ubu, niba mufite itorero mujyamo, mujya imbere mugahagarara ku murimo wanyu. Ariko niba udafite itorero, ukaba wifuza kugaruka muri iri joro, no kuwa Gatatu nijoro, no ku Cyumweru nijoro, Ndashaka gufata, iri joro, Igitabo cya 1 cya Efeso, ijoro ryo ku wa Gatatu, igice cya 2 cya Efeso, no ku Cyumweru gitaha, igice cya 3 cya Efeso, mu rwego rwo gushyira Itorero kuri gahunda. Muzi icyo nshaka kuvuga, gahunda ya—yaryo, mu mwanya waryo. Kandi ngira ngo ni ukungukirwa, ku Itorero.

²³ Ntabwo ndi... ndi—ndimo kubibwira abaje mu Itorero rya Branham gusa.

²⁴ Niba kandi hari umwe muri mwebwe bene Data bakundwa... Nzi ko bamwe muri mwe, ngira ngo, bagize amateraniro. Mwene Data ukiri muto uri i Sellersburg, kandi—kandi n'abandi batandukanye, afite amateraniro. Noneho, murareba, ni amateraniro y'ububyutse. Murayitabira. Ni abakozi ba Kristo, abasore bahagaze mu cyuho, ibyo birashyika. Ndetse n'igihe itorero ryabo bwite ryihakanaga Ukuri, n'ibintu nk'ibyo, bahise baja kure yaryo. Imana ibahamagarira umurimo. Yego mugenzi. Njye—njye nishimiye umuntu... Sinshobora no gutekereza ku izina ry'uwo muntu. Ariko ni umusore ukiri muto, mwiza, usa neza, n'umugore mwiza n'abana.

²⁵ Kandi—kandi Mwene Data Junie Jackson yagiye agira amateraniro hano hepfo, ari cyo kindi kintu cyiza, igikombe

kigaragara kidasanzwe cy'ubuntu butangaje bw'Imana. Kandi mu gihe bafite ububutse mu matorero zanyu, mubagenderere neza, kuko ari byo byanyu . . . icyo ni cyo kintu gikwiye gukorwa. Kubera ko, ntimubizi, ashobora kuba ari umunyabyaha uje ku gicaniro, kandi mushobora gutwarwa no kuyobora uwo muntu kuri Kristo, bikazababera ingororano ikomeye ku rundi ruhunde.

²⁶ Ibi ni ukwigisha gusa no gushyira Itorero kuri gahunda, hano ku rusengero, no gufasha mu gihe twe tugiye.

²⁷ Noneho, ntabwo nazanye isaha yanjye, ku buryo umuntu aza kunkurikirana. Doc yanyeretse, hari iyo afite, rero, mwene Data. Ubu rero . . . [Mwene Data Edgar “Doc” Branham ati: “Ntabwo nzayikwishyuzaho menshi,” nuko aha isaha ye Mwene Data Branham—Ubwanditsi.] Ntabwo uzanyishyuzaho menshi cyane? Ni byiza. Ni byiza, ubungubu, ni byo rwose. Ni byiza, ubungubu, ntabwo nizera ko icyo kintu ari cyiza, cyo gutangiriraho. Noneho . . . [“Murakoze. Ngiye kubwira umwe muri mwebwe.”] Noneho, yewe, yewe, sh, sh, sh, sh. [“Nari nsigaranye ibiceli icumi, ku isabukuru yanjye y’amavuko, muri iki gitondo, kugira ngo ntume wumva umererwe neza.”] Wabikoze? Noneho ibyo . . . Iyi saha yigijwe imbere neza cyane noneho, Doc. Yavuze ko yafashe amafaranga icumi nyuma, ku isabukuru ye, kugira ngo numve merewe neza, Impamvu hariho bibiri cyangwa bitatu hagati ye na njye. Mushobora rero kubona aho ndi, hepfo y’umuhanda. Ariko, yewe, ibyo ntacyo bitwaye akantu kamwe, kuri njye. Noneho, ntabwo ndibuvuge igihe kirekire.

²⁸ Noneho, niba hari abashyitsi bari ku marembo yacu, twizeye ko dushaka kubaka n’imitima wacu wose. Murisanga hano kuri uru rusengero ruto. Ntabwo dufite inyubako ihagije. Biri muri gahunda noneho yo kutwubakira, ntabwo ari ahantu hanini, ariko gusa ni i . . . Iyi irasanurwa gusa. Tugiye kugerageza kwiyubakira itorero ryiza ryoroheje hano, vuba aha natwe . . . Uwitete azatwemerera kubikora. Kandi benshi muri twe tuyishyiraho imbaraga, kandi mu by’ukuri turabishima.

²⁹ Noneho ndashaka ko muhindukirana nanjye, muri iki gitondo, tugasoma, muri Samweli wa Mbere igice cya 8, hanyuma tugatangira kuberekeye, reka dutangirire ku byerekeranye n’umurongo wa 19, imirongo ya 19 na 20, birashoboka, kubw’inyandiko ngufi ku bisobanuro.

³⁰ Noneho, nk’uko mubibona, kandi mbere y’uko tu . . . Turaza kubisoma, hanyuma turashaka kujya kw’isengesho. Kandi niba hari icyifuzo muri iki gitondo, muvuge muti: “Unyibuke gusa”? Mu materaniryo yacu aheruka, ibyumweru bibiri bishize, cyangwa bitatu, igihe nagiraga inama . . . Muvuge, twe . . .

³¹ Ibyo ari byo byose, mu gihe murimo gufungura, amateraniryo aratangirira muri Chautauqua, ubu ni aya 6 noneho. Dutegereje ibihe byiza, Middletown, Ohio. Mwebwe mufite

ibiruhuko byanyu bya vuba aha, nimuze. Kandi inkambi nini, iburyo bw'uruzi, aho, yoo, twebwe...ubutumwa bwose mwigeze kumva. Bose bari hakurya no hakuno y'umugezi, ababwirizabutumwa, buri gitondo, bose amanywa n'ijoro. Bose rero bateranira hamwe. Ni ibibuga binini, binini cyane kuruta Silver Hills, inshuro nyinshi. Kandi—kandi ubwo ni ahantu hanini dushobora gushyira abantu hagati y'ibihumbi umunani n'icumi. Kandi buri gihe iba yuzuyemo abantu benshi. Dufite ibihe byiza muri Ohio.

³² Nuko umusaza mwene Data Kidd, nagiyeye kumusengera, ejobundi mu gitondo. Mwese muranyibuka mbibabwira, hashize ibyumweru bitatu? Muganga yamuhaye amasaha makumyabiri n'ane, yo kuba akiriho. Arahaguruka arazenguruka. Yasubiyemo Ibyanditswe, indirimbo atashoboraga kuririmba. Narinjiye ndamureba, ejobundi mu gitondo, iyo sharupe ntoya ayitwikiriye. Navuye hano ngenda hafi amasaha atatu cyangwa ane ku muni, kugira ngo nshobore kumugeraho. Bavuze ko ko yagombaga gupfa uwo muni; azize kanseri muri porositete.

³³ Umugore we w'igicro cyinshi, unanutse, ukuze, yakoraga isuku agahembwa amacentime mirongo itanu ku muni; ibyo ni mbere yuko bucyu, kugeza nimugoroba, ku mafaranga y'ibiceri mirongo itanu, kugirango umugabo we agume k'umurimo nk'umuvugabutumwa. Yabwirije ububyutse mu gihe cy'ibyumweru bibiri, yakira amaturo, abona amacentime mirongo inani.

³⁴ Ariko nabonye bicaye hariya mu gitondo, bombi babiri bananutse, bakuze, abashakanye bananutse, ahubwo, bicaye hariya, na sharupe ye hejuru y'ibitugu bye. Kandi umwe mu bahindutse, ufite imyaka mirongo cyenda n'ibiri, nk'uko arabagirana afite umucyo, ari Umupentekote wuzuye, yicaye hariya, murabizi. Nanjye nti: “Murabi mwebwe abasaza bicaye hano? Gutegereza gusa ko ubwato buza.” Ibyo ari byo byose. Akazi kabo, ibyo bagezeho byose, i—intego bagezeho, kandi biteguye noneho kujya mu bisubizo byabo.

³⁵ Nabwiye Mwene Data Chev, mbibwira na Mwene Data Kidson...Kidd, muri icyo gitondo nti: “Muzaba muri mu materaniro ya Chautauqua.”

³⁶ Yarampamagaye ejo, aravuga ati: “Ndi...Nzaba mpari, Mwene Data Branham.” Ni byiza.

³⁷ Rero, azaba ari amateraniro menshi, uhereye k'umurimo wanjye mushya. Mwene Data, mwene Data w'Umubatisita uhagaze hano, umukobwa we, inkumi, yari ameze nabi. Aramubwira ati: “Nguhaye umukobwa wawe kubw'Umwami Yesu,” ejobundi. Ageze mu rugo, arakizwa. Ari hano muri iki gitondo, kubwo kubatizwa no gukomeza urugendo.

³⁸ kandi umugabo umwe, Bwana Sothmann, n'inshuti yanjye yo muri Kanada, nyirabukwe we amerewe nabi, aravuga ati:

“Nugerayo urasanga nyokobukwe, neza, mu rugendo rwe rwo gukira, ni byiza.” Nuko byari bimeze. Kandi gusa...abantu barinjira gusa. Ubu ni nk’abana bato gusa, bari mu rugendo. Ariko, yewe, turateganya ibirenze ibyo, byinshi cyane hejuru y’ibyo byose. Turi mu bihe bibi kandi bya nyuma, ariko mu masaha y’icyubahiro.

³⁹ Noneho mufate Bibiliya zanyu, kubwo gusoma, igice cya 8 cya Samweli? Kandi nasezeranije Gene kuguma hano, ngo afate amajwi asigaye. Ni bwo twari dutangiye, mu materaniryo yacu.

Ariko abantu banga kumvira Samweli; baravuga ngo, biramaze; turashaka umwami wo kudutegeka;

kugira ngo...natwe...duse n’andi mahanga; umwami wacu ajye aducira imanza, ajye atujya imbere, aturengere mu ntambara zacu.

...Nuko Samuel amaze kumva amagambo y’abo bantu bose, nuko...abisubiriramo UWITEKA uko bingana.

UWITEKA asubiza Samweli ati: bumvire ubimikire umwami. Nuko Samuel ambwira Abisirayeli, ati umuntu wese asubire mu mudugudu w’iwabo.

⁴⁰ Noneho niba ngomba kugerageza guhitamo muri ibi, muri iki gitondo, icyo nakwita inyandiko, mu minota mike iri imbere, Ndashaka guhitamo inyandiko ivuga ngo: *Umwami Wanzwe*.

⁴¹ Cyari igihe, nko mu bihe byose, abantu batigeze bifuzamo ko Imana ibayobora. Bashakaga inzira zabo z’ubuyobozi. Kandi iyi nkuru muri iki gitondo... Kandi mmu gihe mugiyeye mu rugo rwanyu, byaba byiza mugiyeye mubisoma inzira yose. Hari mu gihe cya—iminsi ya Samweli, umuntu w’Imana, umuhanuzi. Kandi yari umuntu utabera, n’umuntu mwiza, wubahwa, uzwi neza, w’ukuri kandi w’inyangamugayo imbere y’abantu, utigera ubashuka, kandi nta kindi ababwira usibye kugorora UKU NI KO UWITEKA AVUZE.

⁴² Ariko abaturage bari bageze ahantu bashakaga guhindura iyi gahunda. Barebeye ku Abafilisitiya, n’Abamaleki, Abamori, Abaheti, n’andi mahanga yo ku isi, kandi bari babonye ko bafite abami babategeka, bakabayobora, bakabayobora, bakarwana intambara zabo, n’ibindi. Kandi ibi byasaga nk’aho Isiraheli yashakaga kwigana nk’abo bami, ndetse nk’abo bantu.

⁴³ Ariko ntabwo byigeze bibaho, mu bihe ibyo ari byo byose, ibitekerezo by’Imana ku bantu bayo gukora nkabatuye isi, cyangwa gutegekwa cyangwa kugenzurwa nk’abatuye isi. Ubwoko bw’Imana, nk’uko bisanzwe, bwabaye a—abantu badasanzwe, abantu batandukanye, bahamagawe, bitandukanije, kandi batandukanye rwose mu bikorwa byabo, mu buryo bwabo, mu buryo bwabo bwo kubaho, kuruta ibyo abantu bo ku isi bafite. Irari ryabo ku bintu, n’ibindi byose bakora, bahoraga bavuguruza ibintu abatuye isi bifuzwa.

44 Abisirayeli baza kwa Samweli baravuga bati: “Noneho, urashaje, kandi abahungu bawe ntibagendera mu nzira yawe.” Kubera ko, ntabwo bakoresha ukuri nka Samweli. Barya ruswa kandi batwara amafaranga. Baravuga bati: “Samweli, abahungu bawe ntabwo bameze nkawe, turashaka rero ko uhaguruka ukadushakira umwami, ukamusiga amavuta, ukatugira abantu nk’abandi bantu bo kw’isi.”

45 Samweli agerageza kubabwira ko ibyo bintu bitaza gushoboka. Aravuga ati: “Niba mukoze ibyo, ikintu cya mbere muzi, muzasanga azahamagara abahungu banyu bose kuva mu rugo rwanyu, mukaahinduramo abasirikari, bakiruka imbere y’amagare ye, bitwaje ibirwanisho n’amacumu. Ntabwo ari ibyo gusa, ahubwo azahamagarira abakobwa banyu, gukora imigati na keke, bayikure kure yanyu, kugira ngo ayigaburire ingabo. Nuko, aravuga ati: “usibye ibyo byose, azabaka imisoro runaka, ingano zanyu, n’ibyo mwinjiza byose. Azasoresha ibyo byose, kugira ngo amadeni amwe n’amwe ya leta, n’ibindi n’ibindi, bigomba kwishyurwa.” Aravuga ati: “Ndatekereza ko murimo, rwose, gukora amakosa.” Ariko ryari. . .

46 Abantu baravuga bati: “Ariko turacyashaka kumera nk’abandi bantu.” Hariho ikintu cyerekeranye n’abagabo n’abagore, bifuza kumera nk’abandi. Kandi hariho umuntu umwe gusa wabayeho kw’isi watubereye urugero, kandi uwo ni we wadupfiriye twese, Umwami n’Umukiza wacu, Yesu Kristo. Yatubereye urugero rwiza rw’ibyo tugomba kuba, buri gihe ku byerekeye ubucuruzi bwa Data, no gukora igikwiye.

47 Batitaye ku buryo Samweli yagerageza kubyemeza abantu, bakomeje kumukurikira, amanywa n’ijoro, “Turashaka umwami. Turashaka umuntu. Turashaka umuntu ni ko twavuga, ‘Uyu ni we muyobozi wacu.’”

48 Kandi ibyo ntibyigeze biba ubushake bw’Imana. Ntabwo bwigeze buba ubushake bw’Imana, cyangwa ntibuzigera buba ubushake bw’Imana, kugira ngo umuntu ategeke. Imana itegeka umuntu. Imana ni Umutegetsi wacu, Umwami wacu.

49 Kandi ni akaga cyane, cyane mu byago by’iki gihe, kuko uriya mugabo asa nk’ufite igitekerezo nk’icyo. Ntabwo basa nkaho bashoboye gusobanukirwa ko Imana iyobora mu gutegeka umuntu, aho kuba umuntu utegeka umuntu.

50 Bahitamo rero umugabo witwa Sawuli, umuhungu wa Kishi. Kandi yari umuntu uzwi, umuntu wubahwa. Ariko yashimishije abantu yemye neza, kuko yari umuntu w’igihagararo cyiza, kirekire, cyubashywe, igihagararo cy’umugabo. Ibyanditswe bivuga ko yari afite umutwe n’ibitugu biri hejuru y’umuntu uwo ari we wese muri Isiraheli. Yasaga n’umwami, kandi yari mwiza mu maso. Yari umuntu mwiza kandi udasanze.

51 Noneho, ubwo ni bwo bwoko bw’abantu bakunda gutoranywa uyu muni. Abantu ntibasa nk’abanyuzwe

n'uburyo Imana yashyizeho Itorerero Ryayo, kugira ngo riyoborwe kandi rigengwe n'Umwuka Wera. Bashaka umuntu, umuntu runaka, amadini amwe, abantu bamwe bayobora Itorerero. Ibyo, ntibashobora kwishyira rwose mu biganza by'Imana, kuba ab'umwuka, kuyoborwa n'Umwuka Wera. Bashaka ko umuntu abakorera idini ryabo, umuntu uzababwira uko babikora, n'ibindi bijyanye na byo.

⁵² Uyu mugabo rero yasaga nk'aho akwiranye n'uwo mwanya neza neza, kuko yari umuntu w'ubwenge cyane.

⁵³ Kandi ni kimwe rwose nk'uyu muni. Dukunda guhitamo abantu nk'abo, kugenzura amatorero yacu, kugenzura Itorerero ry'Imana. Nta kintu navuga cyo kubirwanya, ariko gusa kugira ngo ntange igitekerezo, ngo: ntabwo ari byo, ntabwo ari ko byari bimeze, kandi ntibizigera biba ubushake bw'Imana, kugira ngo bimere bityo. Imana igomba kuyobora ubwoko Bwayo, kuyobora buri muntu.

⁵⁴ Noneho dusanga uyu muhungu wa Kish, umuntu ukomeye, na—n'igihagararo cye, n'i... Yasaga nk'aho abereye abantu, ku buryo umwambara we wagombaga gusa neza. N'ikamba k umutwe we, rikaba hejuru y'abandi bantu bose, uko yagendaga, bygumbaga kuba u—umutungo nyawo mu bwami bwa Isiraheli. Kubera ko, abandi bami bari, mu yandi mahanga, bashoboraga gutekereza bati: “Murebe mbega umugabo!” Ni gute bashoboraga gutunga urutoki bakavuga bati: “Murebe hano, mbega umwami ukomeye twabonye! Murebe mbega umuntu ukomeye uturenze!”

⁵⁵ Kandi birababaje kubivuga, ariko mbega ukuntu ari ukuri muri iki gihe hamwe n'itorero, bakunda kuvuga bati: “Pasiteri wacu ntabwo ari umuntu ufite ibitekerezo bigufi. Ni umuntu ukomeye. Yarangije muri Hartford,” cyangwa mu ishuri rikomeye rya tewolojiya. “Afite impamyabumenyi enye *ahantu-aha n'-aha*. Kandi ni umuhuza mwiza cyane mu bantu.” Byose bishobora kuba byiza, kandi bifite umwanya wabyo. Ariko inzira y'Imana ku Itorerero Ryayo ni iyo kuyoborwa n'Umwuka Wera, n'Umwuka Wayo.

⁵⁶ Ariko bakunda kubivuga bati: “Dufite iri dini rikomeye turimo. Twatangiye kera mu minsi ya mbere y'ubuhanga, igihe twari muri bake, abantu bake cyane, kandi bato. Noneho ubu twarakuze kugeza aho hantu, turi mu madini magari ariho. Dufite amashuri meza, n'abakozi b'Imana bize neza. Dufite imbaga y'abantu b'abahanga. Kandi abanyabwenge benshi bo mu muji bitabira amadini yacu. Kandi dutanga imfashanyo. Kandi dukora ibikorwa byiza, n'ibindi byose.” Kandi nta kintu na kimwe, Imana yarambujije ngo ntabwo ijamba rimwe ryo ku birwanya, kuko byose ari byiza.

⁵⁷ Ariko, nyamara, ntabwo mu bushake bw'Imana umuntu agomba gutegeka umuntu. Imana yohereje, ku Muni wa

Penekosite, Umwuka Wera gutegeka mu mitima y’abantu, no gutegeka mu buzima bwabo. Ntabwo byari bigamiye ko umuntu ategeka umuntu.

58 Ariko dukunda kubivuga. Ni ibintu byiza cyane mu gihe dushobora kuvuga ko turi mu muryango ukomeye.

59 “Uri Umukristo?” Ni uko naguye kuri iyi nyandiko, ubwo nari ndi mu bitaro. Kandi nabaza umwe nti: “Ese uri Umukristo?”

“Mbarizwa *aha n’aha.*”

“Uri Umukristo?”

“Mbarizwa *aha n’aha.*”

60 Umuforomokazi muto yinjiye mu cyumba cy’uburiri, aho nasomaga Bibiliya, kandi yari u—umuforomo mushya kuri etaji yo hasi. Nuko aravuga ati: “Umeze ute.” Aravuga ati: “Nizera ko uri Revera Branham, uri hano kugira ngo wipimishe umubiri.”

Ndavuga nti: “Ndi we.”

61 Na we ati: “Nshobora kugukanda umugongo, bigatuma wumva umerewe neza nkoreshye alukolu?”

Nanjye nti: “Ushobora kubikora.”

62 Mu gihe yarimo kunkanda umugongo, arambaza ati: “Ni irihe dini ubwarizwamo?”

63 Nanjye nti: “Yoo, Ndi mu idini rya kera cyane nk’uko riri.”

Na we ati: “Iryo dini ni irihe?”

64 Ndavuga nti: “Ni rimwe ryateguwe mbere y’uko isi itangira gutegurwa.”

65 Nuko “Yoo,” aravuga ati: “ ngo iki? Ntabwo nizera ko naba iryo naba ndizi.” Aravuga ati: “Njye mbarizwa mu itorero *runaka*. Iryo naryo ni ishyirahamwe?”

66 Ndavuga nti: “Oya, madamu. Iryo ryari iryo mu myaka magana abiri ishize, iryo shyirahamwe. Ariko iri shyirahamwe ryatangiyeye igihe inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbiraga hamwe, kandi abana b’Imana bavuzaga induru bishimye, ubwo babonaga ukuza k’Umukiza uje gucungura abantu.”

67 Yahise areka kunkanda umugongo. Nuko ndunama gato, hejuru muri *ubu* buryo, kugira ngo umudamu ashobore kunkanda. Kandi yaturukaga hafi ya Corydon, hepfo aha. Twabanje kuganira. Nuko aravuga ati: “Mugenzi wanjye, namye nizera ko niba Imana yarigeze kuba Imana, Aracyari Imana, uyu muni, nkuko yari ameze mu minsi ya kera.” Aravuga ati: “Nubwo itorero ryanjye rihakana byimazeyo, ariko njye ndizera ko ari Ukuri.”

68 Nanjye nti: “Nturi kure y’Ubwami bw’Imana, mukobwa ukiri muto.”

Aravuga ati: “Niba Yarigeze kuba umukiza, None se n’ubu Yo ntikiri umukizana?”

Ndavuga nti: “Ni ukuri, mushiki wanjye.”

⁶⁹ Ariko umuntu arashaka gutegeka, kandi gutegeka umuntu. Kandi umuntu ashaka ko umuntu amutegeka. Ntashaka kugira Imana itegeka.

⁷⁰ Uyu muhungu wa Kishi, Sawuli, mw’izina rye, yari igisubizo cy’ibyo bashakaga, umuntu ukomeye w’icyubahiro. Kandi . . . Yoo, yashoboraga kubayobora ku rugamba rwabo gusa, n’ibindi. Ariko, n’icyo gihe, ntabwo yari yo nzira y’Imana yo gukora ibintu. Imana yashakaga ko umuhanuzi Yayo wa kera wizerwa abayobora, akababwira Amagambo Yayo.

⁷¹ Noneho, uyu munsu, mu gihe cy’itorero ryacu rikomeye tubamo, twebwe, ndatekereza, kandi ibi ndabyizera n’umutima wanjye wose, ko twagiye rwose mu buryo butandukanye ni byo Imana yadutegetse gukora. Amagambo ya nyuma y’Umukiza wacu yari muri Mariko 16. Ati:

mujuje mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza.

Uwizera akabatizwa azakizwa; . . . ariko utizera azacirwaho iteka.

Kandi ibimenyetso bizagenda n’abizera ngibi; Bazirukana abadayimoni mu izina Ryanjye; bazavuga indimi nshya;

Kandi bazafata inzoka; kandi . . . nibanywa ikintu . . . cyica ntacyo kizabatwara na hato; kandi ni . . . nibarambika ibiganza ku barwayi, . . . bazakira.

⁷² Nta mugabo, nta muhungu wa Kish, cyangwa nta wundi, ushobora gukora ibyo hanze y’ubuyobozi bw’Umwuka Wera. Ariko twakoze amashuri, dukora seminari, tunakora amashyirahamwe, kubwo—kubwo kunyurwa, no kumera nk’isi yose.

⁷³ Noneho, Umwuka Wera wahoze ari Umuyobozi muri iki gihugu. Iri shyanga ryahoze riyobowe ubwo ryagarukaga . . . igihe bandikaga itangazo ry’ubwigenge. Kandi hari intebe y’inyongera yashyizweho. Nta kintu na kimwe gishidikanywaho mu bitekerezo byanjye ariko ibyo Umwana w’Imana yashyize kuri ayo meza, igihe iki gihugu cyashingiraga ku mahame y’ubwisanzure bw’amadini n’ubwisanzure kuri bese, no kw’ishingiro ry’Ijambo ry’Imana Rihoraho.

⁷⁴ Ariko twarangije kwangiza. Politiki; twatoye abagabo muri yo, kugura no kugurisha, n’amasezerano y’ibinyoma. Kugeza . . . Igihugu cyacu, na politiki yacu, na demokarasi yacu, iranduye cyane kugeza igihe izaba—ihujwe na gikomunisiti n’ubwoko bwose bw’inyigisho z’ubuyobe.

⁷⁵ Kandi inshuro nyinshi duhamagarirwa ibihe byo gusenga, iyo ishyirahamwe ry'ibihugu rihuye, na hariya...cyangwa kugira ibiganiro. Kandi rimwe, mu gihe gikomeye, vuba aha, nta n'igihe cyigeze gisabwa cyo gusenga. Ni gute tuzajya dukemura ibibazo tutarinze gusenga? Ni gute dushobora gutegereza, kw'isi yose, gukora ikintu cyose tutayobowe n'Umwuka Wera?

⁷⁶ Ariko reka ibi mbivugane urukundo kandi nubaha igihugu cyacu n'ibendera ryacyo, na repubulika rihagarariye: Twanze Umuyobozi, Umwuka Wera, kandi binyuze muri politiki yangiritse yazanye abantu bafite ibitekerezo bibi. Niba kandi mutarebye neza, bagiyе gukora rimwe mu makosa akabije cyane kurusha ayo bigeze gukora, ubungubu, ni ukubera ko abaturage bifuzaga abantu bo kubategeka.

⁷⁷ Ibyo dukeneye mu murwa mukuru w'izi Leta Zunze Ubumwe za Amerika, nka Perezida, ibyo dukeneye muri Kongere, icyo dukeneye mu byumba by'ubutabera, ni abantu beguriye Imana ubuzima bwabo, buzuye Umwuka Wera, kandi bayobowe n'Imana. Ariko, aho guhitamo ibyo, duhitamo abagabo bafite ubwenge, abagabo bafite "uburyo bwo kutubaha Imana, no guhakana imbaraga z'Imana," abagabo batemera ko Imana ibaho, ndetse rimwe na rimwe ibibi kurusha ibyo, twinjijwe muri politiki y'ubwami bwacu, z'igihugu cyacu.

⁷⁸ Ntabwo ari ibyo gusa, ahubwo no mu matorero yacu. Amatorero yacu yarangiritse ashingiyе ko twebwe, mu guhitamo abungeri bacu batuyobora, twagiye mu masinari maze duhitamo abo bantu b'ibihangange bikomeye by'ubwenge, abantu bafite ubwenge buhebuje mu bitekerezo, abantu bafite buruse, kandi bivanga bikomeye mu baturage, kandi ni abantu bakomeye mu mibanire n'aturanyi, abo ntacyo mfite nabavugaho. Abagabo b'ineza mu buryo bwabo bwo kugenda, bitonda mu buryo bwabo bwo kubaho, n'uburyo bitwara mu bandi bantu, no mu bantu, abantu bakomeye mu mirimo yabo, ibyo simvuze nabi. Imana imbarire wenda umwuka wanjye kutazigera uba mubi. Ariko, biracyaza, ntabwo ari ibyo Imana yaduhitiyemo.

⁷⁹ Ni ubuyobozi bw'Umwuka Wera: Kristo mu mutima w'abantu. Benshi muri abo bantu b'abanyabwenge bahagaze ku gicaniro cyacu bahakana ko Umwuka Wera ubaho. Benshi muri bo bahakana ko hariho gukora indwara guturukaku Mana n'Imbaraga z'Umwuka.

⁸⁰ Nasomaga ingingo, ejo, ndizera ko ari, uruhererekane rw'ibinyamakuru byanditswe na Jack Coe, nyakwigendera Jack Coe, u...umwe mu banjye bagarukiye Umwami Yesu, wari umuntu w'intwari w'agaciro, mu gihe cye. Kandi yahamagariwe kubazwa, hepfo muri Florida, kubera gusaba umwana muto gukura insimburangingo mu maguru ye, anyuma gutambuka imbere k'urubuga. Kandi nyuma yo kubikora guryo, umwana

yambukiranya urubuga, nkuko bisanzwe, hanyuma agwa ageze kuri nyina. Byose byari uko umwanzi wa Kristo yarabipanze, uyu mukobwa ukiri muto n'umugabo we bazanye mwene Data w'intwari mu nkiko z'igihugu.

⁸¹ Kandi igihe buri torero ryakagombye kuba ryarahagaze kuri Mwene Data Jack, mu gihe umuntu wese w'itorero uvuga Izina rya Yesu Kristo yari akwiye guhagarara iruhande rwe, ashize amanga, umuntu wese utabaza Izina ry'Umwami Yesu yari akwiye gupfukama mu isengesho, ariko, mu mwanya w'ibyo, binyura mu mitwe y'inkuru mu binyamakuru, umwe mu madini yacu akomeye yavuze ko bifatanije n'abatemera Imana, kwamagana, gufunga mwene Data Jack Coe. Ntimushobora kwiyumvisha ukuntu itorero, ryyitirira Izina rya Kristo, ryifatanya n'abahakanamana, guciraho iteka umuntu wubaha Imana wagerageje n'umutima we wose guhagarara kuri Bibiliya? Ariko barabikoze.

Hanyuma Mwene Data Gordon Lindsay yari ari mw'itabaro.

⁸² Kandi igihe umucamanza utizera yavugaga ngo: "Uyu mugabo ni umuriganya kuko yateye umugongo uriya mwana akamwohereza hagati mu kibuga, akavuga ko yari 'yakize. 'Kandi abeshya, maze agakora ikintu kinyuranye n'itegeko rya muganga, rero afite urubanza rumushinja."

⁸³ Bwana Coe arahaguruka maze, aravuga ati: "Mugenzi, ndamagana ayo magambo. Imana yamaze gukiza uyu muhungu."

⁸⁴ Umucamanza ati: "Ndabaza umuntu uwo ari we wese muri uru rukiko niba ayo magambo ashobora kuba impamo, ko Imana ishobora gukiza uwo muhungu ku ruhande rumwe, ikamureka akarwara ku rundi ruhande. Niba ayo magambo ashobora kwemezwa na Bibiliya, noneho navuga ko Bwana Coe afite uburenganzira kubyo yavuze."

⁸⁵ Nuko umukozi w'Imana arambura ikiganza, maze aravuga ati: "Icyubahiro ni icyawe, nyakubahwa, nshobora kubivuga?"

Umucamanza aravuga ati: "Ngaho vuga."

⁸⁶ Umukozi w'Imana ahagarara imbere ye, maze aravuga ati: "Umunsi umwe nijoro, ku nyanja itigita, igihe ubwato buto bwari bugiye kurohama, ibyiringiro byose byo kurokoka byaragiye. Babonye Yesu, Umwana w'Imana, aje agenda hejuru y'amazi. Umwe mu ntumwa witwa Petero, yaravuze ati: 'Niba ari Wowe, Mwami, nyemerera ngusange ngendera hejuru y'amazi.'" Na we ati: "Umwami abwira intumwa Petero ati: 'Ngwino.' Hanyuma asohoka mu bwato, mugenzi, agenda neza nka Yesu, agenda hejuru y'amazi. Ariko amaze kugira ubwoba, atangira kurohama ataragera kuri Yesu."

Umucamanza aravuga ati: "Urubanza rwaciwe."

Dukeneye ubuyobozi bw'Umwuka Wera, ntabwo dukeneye abanyabwenge.

⁸⁷ Sawuli, mwene Kishi, agirwa umutware w'abaturage, atwara abantu ibihumbi bibiri, Yonatani afata igihumbi. Yonatani aramanuka ajya mu birindiro maze anesha igitero cy'Abamoni, Abamoni, nanone. Kandi igihe—igihe yari amze kubanesha, Sawuli avuzza impanda, ati: “Murabona ibyo Sawuli yakoze.” Atangira kwishyira hejuru.

⁸⁸ Mbese nk'umugabo ukimara kubona impamyabumenyi y'ikirenga mu by'Ubumana, cyangwa akabona ikintu gito inyuma y'izina rye, ahinduka, kurushaho cyangwa buhoro, ikimenya-byose.

⁸⁹ Abantu b'Imana ni abantu bicisha bugufi. Ubwoko bw'Imana ni abantu bicisha bugufi. Iyo ubonye abantu bavuga ko bakiriye Umwuka Wera, maze bagatangira kwitandukanya, bisa, no kutagira Kwizera, kugenda, akagerageza kuba ikintu atari cyo, gusa mwibuke, ntabwo bakiriye Umwami Yesu.

⁹⁰ Maze tugasanga umwanzi yabatuyemo. Kandi yari agiye kwinjira mu gatsiko gato k'ubwoko bw'Imana, kandi agiye kunogoramo ijisho ry'iburyo rya buri muntu.

⁹¹ icyo umwanzi ahora agerageza gukora, ni anogoramo amaso yombi, niba abishoboye, kugira ngo abantu badashobora kubona ibyo bakora. Ni byo Satani agerageza gukora uyu muni kuri buri Mukristo, anogoramo amaso yabo yo mu mwuka, kugira ngo bashobore gukurikira gusa ibintu by'ubwenge, maze ntibumve Umwuka Wera abayobora.

⁹² Noneho rero iyo bakoze ibyo, iyo gutsindwa gukomeye kuje, Sawuli yabaze ibimasa bibiri binini, abyohereza abantu bose. None mbifuriye kubibona hano, igihe Sawuli yoherezaga ibice by'ikimasa muri Isiraheli yose, akavuga ati: “Umuntu wese utazakurikira Samweli na Sawuli, mumureke, azamera, nk'iki kimasa.” Murareba ukuntu yibeshye akagerageza kwihagararaho hamwe n'umuntu w'Imana? Ni gute—mbega ukuntu bitari igikristo! Ubwoba bw'abaturage bwatewe na Samweli. Ariko Sawuli abasaba bose kumukurikira kuko abantu batinyaga Samweli. “Nimubareke bakurikire Samweli na Sawuli.”

⁹³ Ni kangaha, uyu muni, twabyumvise! “Turi Itorero rikomeye. Turi Itorero rya Kristo. Turi Itorero ry'Imana. Turi i—ibi n'-ibi.” Bituma abantu bagira ubwoba, bakibwira ko mu by'ukuri ari bwo Imana ikora. Kandi ntibashaka ubuyobozi bw'Umwuka Wera. Ahubwo bahitamo gukurikira abagabo nk'abo, kuko bakunda kubaho ubuzima bwabo bwite. Bakunda kwizera ibyo bashaka kwizera.

⁹⁴ Murabyumva? Umwuka Wera ni Umucamanza wacu. Imana ntizigera iduha papa, cyangwa umwepiskopi, cyangwa umuntu uwo ari we wese, ngo atubere Umucamanza. Umwuka Wera, Umuntu w'Imana, mu buryo bw'Umwuka Wera, ni Umucamanza wacu n'Umuyobora. None se, kubera iki ari uko bimeze?

⁹⁵ Nyamuneka mumbabarire iyi mvugo idahwitse, kandi imvugo idasobanutse. Ntabwo nshaka kuvuga ko ari bibi. Ndabivuga mbikuye ku rukundo.

⁹⁶ Ariko Umwuka Wera uvuga ko ari bibi ko abagore bacu bogosha umusatsi. Kandi ni bibi ko abagore bacu bambara ikabutura ngufi, no gusiga iminwa no mu maso bakoresheje irangi. Umwuka Wera uvuga ko ari bibi.

⁹⁷ Ariko turashaka ko abagabo batubwira ko byose ari byiza, “Igihe cyose tuzakurikira njye na Samweli.” Bakunda kubaho iminsi itandatu, uko bashaka, bakajya mu rusengero ku Cyumweru mu gitondo. Kandi umunyeshuri urangije kaminuza w’ubwenge ufite impamyabumenyi nyinshi ashobora kuvugana nabo ku kibwiriza gito kiza. . . urwenya ruke muri cyo, rwatobora amatwi bigatuma rutera kwishimisha, nka gahunda imwe ya filime cyangwa televiziyo. Kandi ubavugire isengesho ho gato, maze ubohereze mu rugo hamwe n’ubwoko bw’u—umutekano wihagije kuko bakoze idini ryabo. Ntabwo ari ubushake bw’Umwuka Wera.

⁹⁸ Umwuka Wera urashaka ko mubaho mwubaha Imana, iminsi yose mu cyumweru, na buri joro, kwitandukanya ubwacu n’ibintu by’isi.

⁹⁹ Ariko itorero ntiribishaka. Bashaka umugabo runaka ubishoboye ni—ni we ushobora gusobanura Bibiliya uburyo bashaka kuyumva. Ntibazumva Ijwi ry’Umwuka Wera rivuga binyuze muri Bibiliya. Benshi muri bo bashaka kuvuga ngo: “Iminsi y’ibitangaza yararangiye.” Ni ibyo bitera abantu ubwoba. Bashaka kuvuga bati: “Nta mubatizo w’Umwuka Wera ubaho.” Abantu ntibashaka gukora ibitandukanye n’ibyo isi yose ikora. Ntibashaka kujya mu muhanda no koga mu maso, kandi—kandi ni abantu bafite isura nziza, kandi nta segereti mu kanwa kabo, na—n’isegereti, n’inkono y’itabi, n’i—n’ibintu abagabo bakora. Kandi abagore bifuza ko umusatsi wabo ukatwa ukaba mugufi, n’i—n’imyenda ikaba migufi, no kwerekana imiterere yabo, n’ibintu bashaka. Bo—bo bashaka abagabo bazababwira bati: “Ni byo rwose.”

¹⁰⁰ Noneho, mu ijoro ryakeye, hano haje umugabo arambwira, ngo kubera ko nabwirije kurwanya bene abo, bo mu idini rikomeye, hafi batanu muri bo, bavuze ngo: “Tuzahunga mwene Data Branham maze twe kongera kugira ahandi duhurira. Wenda se uziyambaza izi kaseti nyuma, hanyuma ubasabe imbabazi, cyangwa tuzaguhunga.”

¹⁰¹ Ndavuga nti: “Nzahagarara ku ruhande rw’Ijambo ry’Imana. Niba bisaba ibintu byose mu buzima bwanjye, nzagumana n’Ijambo. Maze jyewe. . .”

Ati: “Ni byiza, ntushobora kuziyambaza kaseti *iyi n’iyi?*”

¹⁰² Ndavuga nti: “Ntabwo nigeze mbwiriza ikintu icyo ari cyo cyose, mu buzima bwanjye, kinteye isoni. Siniyambaza

kaseti cyangwa indi nyandiko. Ngumana n'ibyo Umwuka Wera uvuga. Ko mbaho kubwawo kandi ngapfa kubwawo.” Ntabwo ngerageza kuvuga ibyanjye ubwanjye. Ariko ndagerageza gusa kubaha ikigereranyo cy'ibiriho, muzabona kandi mwumve. Ni abantu bashaka kuyoborwa n'abagabo.

¹⁰³ Ntibashakaga Samweli. Mbere yo gusiga amavuta umwami Samweli...cyangwa Sawuli, mwami, mbabarira, Samweli arongerera arabasanga. Kandi ngiye kuvuga mu rurimi gusa nk'uko yari kubivuga uyu munsu. Ushobora kubisoma. Yaravuze ati: “Ni ikihe kibazo Imana niba ibaye Umwami wawe?”

“Ni byiza, ntabwo tubona Imana.”

¹⁰⁴ “Ni byiza, njye We ndamuhagarariye,” Samweli ati: “hari igihe nakubwiye nabi? Hari ubwo nigeze guhanura ikintu cyose ntikibe nk'uko nabivuze ko ari ko kizaba? Sinabwirije Ijambo ry'Uwiteka? Noneho ndababaza ibi: Hari ubwo nigeze mbasanga nkabasabiriza amafaranga? Hari icyo nigeze mbatwara? Hari ikindi nabazaniye usibye gushyira ku murongo ijambo UKU NI KO UWITEKE AVUZE? Kandi Imana yabyemeje, igihe cyose, ko ari Ukuri.” Kandi yohereje inkuba n'imvura (Muzi Ibyanditswe, mwebwe, hano.) mu rwego rwo kwerekana ko Samweli yari akanwa k'Imana.

¹⁰⁵ Kandi nk'uko Samweli yabigaragaje neza: Uyu munsu, Umwuka Wera—Umwuka Wera ni akanwa k'Imana: kavuga neza neza ibyo Bibiliya ivuga; abizera ibyo Bibiliya yavuze gusa, ntibazatandukana na byo, na rimwe.

¹⁰⁶ Ariko bashakaga umuntu ushobora kubabwira ibinyuranye. Abantu ntibashoboraga kuvuga ko ubuhanuzi bwa Samweli butari butunganye. Baramusubiza bati: “Samweli, ibyo wavuze byose mu Izina ry'Uwiteka, Uwiteka yabizanye nk'uko wabivuze. Nta nenge n'imwe bifite. Ntabwo wigeze uza iwacu ngo udusabirize amafaranga. Warishyigikiye wowe ubwawe. Ntabwo wigeze udusaba kugukorera ikintu gikomeye, kikwerekeyeho. Wizeye Imana yawe, kandi yaragukijije muri byose. Kandi amagambo yawe ni ay'ukuri. Ibintu byose wavuze mw'Izina ry'Uwiteka byabaye nk'uko wabivuze. Ariko turashaka umwami.”

¹⁰⁷ Mushobora kubona itandukaniro? Mushobora—mushobora kuribona—amayeri ya satani, ashobora gukora ku muntu? Aho kwiyegurira Umwuka Wera, ngo mutege amatwi UKU NI KO UWITEKA AVUZE, ku buzima buboneye, imico idahumanye, ku buzima butandukanye, ubwoko budasanzwe, igihugu cyera, ubwoko budasanzwe; bari bahisemo guhura n'isi, bagakora nk'isi, bakajya mu matorero amwe avuga ngo: “Ni byiza, kora gutya hanyuma ukomeze.”

¹⁰⁸ Mushobora kubona ibyo ari byo? Baravuga bati: “Nta kintu kibaho kiza nko gukiza abarwayi. Yoo, umubatizo w'Umwuka Wera yari yo ntego y'itorero.” Mu yandi magambo, noneho

Imana yafashe abantu, ikura Umwuka Wera mu itorerero, irareka amadini araryubaka. Nta na rimwe, nta na rimwe. Nta kintu nk'icyo kigeze kibaho. Umwuka Wera, Ijambo ry'Ukuri, ryagombaga kubayobora kugeza igihe Yesu azazira. Ariko ubwo ni bwo buryo rya—ryanyuzemo.

¹⁰⁹ Sawuli yageze ku butegetsi. Yarakomeye...Yabonye abayobokeye benshi. Yoo, yari afite ibirwanisho byiza. Yari afite abaririmbyi. Yari afite ingabo, kandi afite amacumu. Yoo, yarushije andi mahanga yose. Kandi yabazanye muri demokarasi irenze ikintu icyo ari cyo cyose umuntu yigeze yumva.

¹¹⁰ Kandi ni byo rwose amadini yacu n'amatorero yacu yarakoze uyu muni. Dufite inyubako z'itorero nini kw'isi. Dufite abantu bambaye neza kurusha abandi kw'isi. Dufite buruse zisumba izindi zishobora kuzanwa.

¹¹¹ Kimwe n'abagabo batojwe na Sawuli washoboraga kwitwaza icumu, kandi bashoboraga kurikoresha no kuriyobora kugeza ubwo amahanga abatinye. Bari abantu batojwe, kandi bose. Ariko, umunsi umwe, hageze igihe habayeho guhangana. Kandi byashimishije ingabo zose za Isiraheli kugeza bahagaze, bahinda umushyitsi. Goliyati yarabahinyuje ati: "Niba Imana yanyu iri uko uvuga ko Iri! Wowe watojwe neza." Nuko abahata ibibazo. Ntibari bazi icyo gukora. Intwari zabo nziza, zisongoye ntizagira icyo zikora. Amacumu yabo ntiyabasha kugira icyo akora. Hariho ikintu batigeze bumva, mbere, cyari kirimo kuba.

¹¹² Kandi hamwe n'ubuhangange bwose no gutinya Imana, no kuyiha icyubahiro, n'urukundo n'ubusabane bwa Gikristo, ibi ndabivuze: Nasomye, ejobundi, mu binyamakuru byo muri Afurika, aho uriya muhungu wa Kish, duhanganye n'ivugabutumwa, igihe Mohammedan yamurwanyaga, Billy Graham. Yaravuze ati: "Niba Imana yawe ari Imana, reka ikize abarwayi nk'uko yavuze ko izabikora." Kandi mwene Kishi, hamwe n'abandi basirikare, baricecekeye bava mu gihugu, batsinzwe. Biteye agahinda. Imana yacu ni Imana.

¹¹³ Dufite amatorero yacu meza. Dufite ivugabutumwa ryiza. Dufite abaririmbyi bahembwa. Dufite amakorari meza, inyubako ndende mu gihugu. Dufite abagabo beza, amwe mu mafaranga menshi. Dufite abanyabwenge. Dufite tewolojiya kugeza aho; dushobora kubwiriza; dushobora kubivuga. Dushobora kuvuga ubutumwa no kwigarurira abantu, kandi twinjiza amamiliyoni buri mwaka, y'abahinduwe, bakaza mu itorerero. [Ahantu hatagaragara kuri kaseti—Ubwanditsi.] Abaririmbyi bacu bahembwa, ivugabutumwa ry'ubwenge, ntibazi guhangana n'ikibazo nk'icyo. Ntacyo babiziho. Ntacyo bazi ku mbaraga Zayo zo gukiza, umubatizo w'Umwuka Wera, imbaraga zishobora gufata igicucu cy'umugabo upfa yishwe na

kanseri, kikamurekura. Ntacyo babiziho. Ntabwo bahuguwe muri urwo rwego, nka Sawuli n'itsinda rye ryakozwe n'abantu.

¹¹⁴ Ariko reka mbwire ubwoko bw'Imana, kandi mwa bana mwe, kugira ngo mumenye ko Imana itigera ibatererana ngo ibasige nta buhamya.

¹¹⁵ Ntabwo yari abizi, kuri Sawuli, Sawuli ntacyo yari abiziho. Ariko Imana yari ifite Dawidi umwana muto inyuma y'umusozi ahantu runaka, utaragaburiraga intama ku rumamfu rwa kiliziya. Yaziyoboraga hafi y'amazi atuje no mu rwuri rutoshye. Yatekerezaga intama za se. Niba kandi hari ikintu kizijemo, umwanzi, ngo afate imwe mu ntama za se, yari azi Imbaraga z'Imana zatabara izo ntama.

¹¹⁶ Imana iracyafite Dawidi, ahantu runaka, uzi gutabara imwe mu ntama z'Imana icyo bisobanura, ku bw'imbaraga z'Imana. Aracyabimenya byose.

¹¹⁷ Yari yizewe. Nta kintu na kimwe yari azi ku ntwaro za Sawuli, nta n'icyo yashakaga kumenya. Nta kintu na kimwe yashakaga mu madini yabo. Ntiyashakaga kwitwaza ibirwanisho bishaje. Aravuga ati: "Ntacyo mbiziho. Ariko reka ngendere mu mbaraga mfite." Yari yaragaburiye intama za se. Yari yaritaye ku nzuri. Yari yarazihaye ubwoko bwiza bw'ibyo kurya, kandi zabayeho ndetse zirabyibuha.

¹¹⁸ "Umuntu ntashobora kubaho atunzwe n'umugati gusa. Ahubwo azatungwa n'Ijambo ryose riturutse mu kanwa k'Imana, rizamutunga." Umwungeri nyawe arazigaburira. "Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose." Niba kandi umwanzi afashe imwe, mu burwayi, amenya imbaraga z'Imana.

¹¹⁹ Nimwitegereze gato Dawidi, uhagaze aho. Ati: "Uwo musore ni umurwanyi, kuva akivuka. Kandi kuva mu buto bwe, nta kindi azi uretse icumu n'ingabo. Yatojwe neza. Ni umuhanga mu bya tewolojiya. Kandi ntacyo ubiziho."

¹²⁰ Yaravuze ati: "Ni byo, mugenzi. Ntacyo nzi ku bijyanye n'amahugurwa ya tewolojiya. Ariko hari ikintu kimwe nzi, ni uko, rimwe umwanzi yinjije, ashaka gufata imwe mu ntama za data, Najyanye n'imbaraga z'Imana. Ndayitabara. Nyigarura amahoro mu buzima bwiza. Nayigaruye mu rwuri rwiza rutoshye nyiishora kw'iriba ry'amazi y'urusaro. Imana yangabije intare mu biganza byanjye, ndayica ubwo yatwaraga umwe mu—mu bana b'intama, kandi Yanyemereye kwica idubu, uko ni ko Imana yo mu Ijuru izajyana nanjye kwica n'uyu Mufilisiya utarakebwe."

Dukeneye ubuyobozi bw'Umwuka Wera. Sinzi iminsi nsigaje kw'isi; nta n'umwe uyizi.

¹²¹ Ejubundi naryamye mu buriri bwanjye. Kandi nari. . . nari nsinziriye, ndota Yozefu arwaye, nuko ndamufata kugira ngo

musengere. Nkikanguka, nararakaye cyane. Ndavuga nti: “Ni byiza, birashoboka ko Yosefu agiye kurwara.”

¹²² Nuko naritegereje, ahagana imbere yanjye, mu gicucu gito, cyijimye, aho kuba ibara ry’ikigina. Kandi cyasaga nk’aho ari njye. Nuko ndacyitegereza. Ahagana inyuma yacyo hari Umuntu wambaye imyenda yera, kandi yari We. Narebye umugore wanjye, kugira ngo ndebe niba ari maso, kugira ngo mwereke, niba ashobora kubona iryo yerekwa. Ariko yari asinziriye.

¹²³ Naravuze nti: “Yoo, mbabarira, Mwami. Ariko, ubwo ni bwo buzima bwanjye. Wakomeje kunyobora mu byo nakoze byose. Igihe cyose ikintu icyo ari cyo cyose cyaba, Nakekaga ko ari Wowe ubikora. Kandi ntahura ko Satani ari we ugerageza kunjyana kure yabyo.” Ndavuga nti: “Niba washoboraga kunyobora gusa.” Kandi uko narebaga, nabonaga isura nziza cyane nigeze mbona ku muntu. Yari imbere yanjye, asubiza amaso inyuma. Yarambuye ikiganza Cy e maze afata icyanjye, nuko *iki* atangira kukirekura. Iyerekwa rimvaho rirarangira. Ku Cyumweru gishize mu gitondo, nari, nabyutse kare. Ibyo byabaye kuwa Gatandatu, iryo yerekwa. Kuri . . .

¹²⁴ Nahoraga mpangayitse, buri gihe ntekereza ku gupfa. Bya, mfite imyaka mironko itanu, ni, igihe cyanjye ntabwo ari . . . ntabwo ntekerezaga ko ari myinshi cyane. Kandi nibajije icyo nzaba ndi cyo muri uriya mubiri wa tewofaniya, umubiri w’ijuru. “Ese byaba ari uko nashoboraga kubona inshuti zanjye z’agaciro maze, nkavuga, igihu gito cyera gitambutse, maze nkavuga ngo: ‘Mwene Data Neville azajya hariya,’ cyangwa, ntashobora kuvuga ngo: ‘Mwaramutse, Mwene Data Branham?’ Kandi ubwo Yesu azaza, noneho nzongera kuba umuntu.” Nakunze kubitekerezaho.

¹²⁵ Nari narose ndi Iburengerazuba. Nuko ndamanuka nyura ahantu hatu hari ibihuru, kandi umugore wanjye twari turi kumwe, kandi twari turimo kuroba ubwoko bw’amafi yitwa trout. Narahagaritse nuko—nuko nkingura irembo. Kandi ikirere cyari cyiza cyane. Ntabwo byasaga nk’uko bisa hano hejuru y’ikibaya. Byari ubururu, ni ibicu byiza byera. Nuko mbwira umugore, ndavuga nti: “Twigeze kuba hano, kera cyane, mukundwa.” Yaravuze ati: “Kubw’uburere bw’abana, twakagombye kuhaba, Billy.” Ndavuga nti: “Ni byo . . .” Nuko ndabyuka.

¹²⁶ Naratekereje nti: “Ndimo kurota cyane! Ndibaza impamvu.” Narebye hasi, mbona aryamye iruhande rwanjye.

¹²⁷ Nuko nzamura umusego wanjye, nk’uko benshi muri mwe mwabikoze, nshyira umutwe wanjye kuri—ku cyicaro cy’igitanda, ashyira amaboko yanjye iruhande rwanjye. Kandi nari ndyamye aho nka *gutya*. Nanjye nti: “Ni byiza, nibazaga gusa uko bizaba bimeze, ku rundi ruhande. Ubu nujuje imyaka mironko itanu, kandi ntacyo nigeze nkora. Iyaba gusa nabashaga

kugira icyo nakora kugira ngo nkorere Uwitwika, kuko nzi ko ntazapfa. Kimwe cya kabiri cy'igihe cyanjye cyarashize, byibuze, cyangwa kirenga kimwe cya kabiri. Niba mbayeho kugirango nganye imyaka n'abantu banjye, haracyariho kimwe cya kabiri cy'igihe cyanjye cyashize." Nuko ndeba hirya no hino. Kandi nari ndyamye aho, mpita mbyuka. Hari nko mu ma saa moya. Ndavuga nti: "Nizera ko ndibuze kumanuka ku rusengero, muri iki gitondo. Niba nagaruye ijwi, ndashaka kumva mwene Data Neville abwiriza."

128 Ubwo ndavuga nti: "Urakangutse, mukundwa?" Kandi yari asinziriye neza.

129 Kandi sinshaka ko ibi bigucaho. Byarampinduye. Ntabwo nshobora kuba Mwene So Branham nk'uwo nari ndi we.

130 Nuko ndareba. Maze numva Ikintu, ndakomeza ndavuga nti: "Ni bwo ugutangira. Komezwa urugamba. Komezwa usunike."

131 Nazunguje umutwe umunota umwe. Naratekereje nti: "Ni byiza, birashoboka ko ntekereza gutya." Murabizi, abantu bashobora kubona ibitekerezo bimwe. Nanjye nti: "Birashoboka ko nari maze kubitekereza."

Ndavuga nti: "Komezwa urugamba. Komezwa. Komezwa."

132 Ndavuga nti: "Birashoboka ko nabivuze." Nashyize iminwa yanjye mu menyo, nshyira ikiganza cyanjye ku munwa.

133 None ngibyo biragarutse, aravugaga ati: "Komezwa uhatirize. Iyaba wari uzi ibyari kumpera y'umuhanda!"

134 Kandi byasaga nk'aho numvise Graham Snelling, cyangwa undi muntu, waririmbye iyo ndirimbo nk'iyi (Barayiririmba hano, Anna Mae namwe mwese.):

Ndambiwe mu rugo, ndashaka kubona Yesu,
Ndashaka kumva izo nzogera zirangurura neza
zo ku cyambu;
Byamurikira inzira yanjye kandi bikamara
ubwoba bwose;
Mwami, reka ndebe hakurya y'urusika
rw'ibihe.

Mwarayumvise iririmbirwa hano ku rusengero.

135 Kandi numvise Ikintu kivuga kiti: "Urashaka kureba hakurya y'urusika?"

Ndavuga nti: "Byamfasha cyane."

136 Nuko ndareba. Mu kanya gato, Njye... mu kanya kamwe gusa ko guhumeka nari ninjye Ahantu hatwo habugenewe. Nashubije amaso inyuma, nsanga ndi, ndyamye ku buriri. Nuko ndavuga nti: "Iki ni ikintu kidasanzwe."

137 Noneho, sinshaka ko mubisubiramwo. Aha ni imbere y'itorero ryanjye, cyangwa intama zanjye ndimo kuragira. Byaba ari byo, nari muri uyu mubiri cyangwa hanze yawo, wenda byari

ubusobanuro, ntabwo byari nk'iyerekwa iryo ari ryo ryose nigeze mbona. Nashoboraga kureba Ahongaho, kandi nshobora kureba na hano.

138 Kandi ubwo negeraga ako Gace gato, nari ntarigera mbona abantu benshi baza biruka, bavuzza induru bati: “Yoo, mwene Data w’igicro!”

139 Nuko nditegereza. Bari abakobwa bakiri bato, wenda bakabakaba mu myaka 20, kuva kuri cumi n’umunani kugeza kuri makumyabiri, barampoberaga, bavuzza induru bati: “Mwene Data w’igicro!”

140 Hano haza abasore, mu bwiza bw’ubusore. Kandi amaso yabo yarabengeranaga asa n’inyenyeri mw’ijoro ryijimye. Amenyo yabo yera nk’amasaro. Barasakuza, baramfata barankomezza, bavuzza induru bati: “Yoo, mwene Data w’igicro!”

141 Ndahagarara, ndareba. Kandi nari muto. Nasubije amaso inyuma mbona umubiri wanjye ushaje uryamye aho, ibiganza byanjye biri inyuma y’umutwe. Maze ndavuga nti: “Ibi simbyumva.”

142 Nuko aba bakobwa bakiri bato barampobera. Noneho, nasanze ari abanteze amatwi bavanze, kandi ibi mbivuganye ubugwaneza hamwe n’ubwitonzi bw’Umwuka. Abagabo ntimushobora gushyira amaboko yanyu ku bagore nta byiyumvavumvo by’umuntu; ariko ntabyari biri Ahongaho. Nta muni w’ejo hashize cyangwa ejo hazaza. Ntibajya bananirwa. Bari... Sinigeze mbona abagore beza nk’abo mu buzima bwanjye bwose. Bafite umusatsi umanuka kugeza mu rukenyerero, amajipo maremare agera ku birenge. Kandi bari barimo kumpobera gusa. Ntabwo kwari uguhoberana nk’uko mushiki wanjye bwite, uhagaze aho, yampobera. Ntabwo basomanaga, kandi nanjye sinasomanye nabo. Nari ikintu nje—nje ntabonye kubonera i—ijambo rigisobanura, ntabwo nabonye amagambo yo kuvuga. “Gutungana” ntabwo ryakoraho. “Bihebuje” naryo ntiryakoraho, nta na hato. Cyari ikintu ntigeze mbona... Namwe mugomba kugera Yo.

143 Narebye muri *iyi* nzira, no muri *iriya*. Nuko mbona baraje, ari ibihumbi. Maze ndavuga nti: “Ibi simbyumva.” Nдавуга nti: “Ni byo, ba...”

144 Nuko hano haza Hope. Uwo yari umugore wanjye wa mbere. Ariruka, kandi ntiyigeze avuga ngo: “Umugabo wanjye.” Yaravuze ati: “Mwene Data w’igicro cyinshi,” igihe yampoberaga, hari undi mugore wari uhagaze aho, wari wampobeye, hanyuma Hope ahobera uyu mugore; na buri wese. Naratekereje nti: “Yego, ibi bigomba kuba bitandukanye. Ntibishobora kuba... Hariho ikintu...” Naratekereje nti: “Yewe, ese nakwifuzza kuzongera gusubira muri uriya mubiri wa kera?”

145 icyo gihe narebye hirya no hino. Ndatekereza nti: “Ibi ni ibiki?” Kandi nararebye, ni byiza rwose. Maze nda—ndavuga nti: “Njye—njye sinshobora kubyumva.” Ariko Hope yasaga nk’aho, yoo, umushyitsi w’icyubahiro. Ntabwo yari atandukanye, ariko yasaga nk’umushyitsi w’icyubahiro.

146 Nuko numva Ijwi noneho rivugana nanjye, riri mu cyumba, riti: “Ibi ni byo wabwirije byari Umwuka Wera. Uru ni Urukundo rwuzuye. Kandi ntakintu gishobora kwinjira Hano kitarufite.”

147 Nriyemeje kurushaho, kuruta mbere hose mu buzima bwanjye, kuko bisaba Urukundo rwuzuye, kwinjira Hano. Nta shyari ribayo. Nta kunanirwa. Nta rupfu. Indwara ntizishobora na rimwe, kugera Hariya. Urupfu; ntirushobora—ntirushobora na rimwe kugutera gusaza. Kandi... Ntibashobora kurira. Ni umunezero umwe gusa.

148 “Yoo, mwene Data w’igicro!” Baranjyana, banshyira ahantu hakomeye hanini cyane.

149 Ndatekereza nti: “Ntabwo ndota. Ndeba inyuma yanjye mbona u—umubiri wanjye uryamye hano ku buriri.”

150 Banshyira aho. Maze ndavuga nti: “Yoo, ntabwo nkwiye kwicara hano.”

151 Nuko haza abagore n’abagabo, baturutse impande zombi, gusa mu munezero w’ubuto bwabo, basakuza cyane. Umugore umwe wari uhagaze aho, arasakuza cyane ati: “Yoo, mwene Data w’igicro! Yoo, twishimiye cyane kukubona Hano.”

Ndavuga nti: “Ibi simbyumva.”

152 Maze Ijwi ryavugaga, riturutse hejuru yanjye ryumvikana rivuga riti: “Urabizi, byanditswe muri Bibiliya ko abahanuzi bari bateraniye hamwe n’abantu babo.”

Nanjye nti: “Yego. Ndibuka ko biri mu Byanditswe.”

Riravuga riti: “Ni byiza, iki ni cyo gihe uzateranira hamwe n’abantu bawe.”

Ndavuga nti: “Icyo gihe bizaba impamo, kandi nshobora kubyumva.”

“Yoo, yego.”

153 Ndavuga nti: “Ariko, hariyo amamiliyoni. Ntabwo ari abo Babranhamu benshi.”

154 Nuko iryo Jwi rivavuga riti: “Ntabwo ari Ababranhamu. Abo ni abahindutse. Ni ba bandi wayoboze ku Mwami.” Riti: “Bamwe muri abo bagore bari hariya, utekereza ko ari bo beza cyane, bari barengeje imyaka mirongo cyenda mu gihe wabayoboraga ku Mwami. Ntibitangaje kuba basakuza bati: ‘Mwene Data w’igicro!’”

155 Barasakuje, bose icyarimwe, bavuga bati: “Iyo utaza kugenda, nitubana turi hano.”

Narebye hirya no hino. Ndatekereza nti: “Ni byiza, ntabwo mbyumva.”

Ndavuga nti: “Yoo, Yesu ari he? Ndashaka kumubona, cyane.”

¹⁵⁶ Baravuga bati: “Ubungubu, Ari hejuru gato, neza hejuru y’iyo nzira.” Baravuga bati: “Umunsi umwe Azaza aho uri.” Murareba? Baravuga bati: “Woherejwe, kugira ngo ube umuyobozi. Kandi Imana izaza. Kandi igihe azazira, azagucira urubanza akurikije ibyo wabigishije, mbere na mbere, baba binjiye cyangwa batinjiye. Tuzinjira yo dukurikije inyigisho zawe.”

¹⁵⁷ Naravuze nti: “Yoo, ndishimye cyane. Ese Pawulo, agomba guhagarara gutya? Petero agomba guhagarara gutya?”

“Yego.”

¹⁵⁸ Naravuze nti: “Rero nabwirije Ijambo ryose babwirizaga. Ntabwo nigeze ntandukana na Ryo, ngo njye ku ruhande rumwe cyangwa urundi. Aho babatizaga mw’Izina rya Yesu Kristo, ni ko nanjye nabatije. Aho bigishije umubatizo w’Umwuka Wera, nanjye ni wo nigishije. Ibyo bigishaga byose, nanjye ni byo nigishije.”

¹⁵⁹ Nuko abo bantu basakuzaga, baravuga bati: “Turabizi. Kandi tuzi ko tuzajyana nawe, umunsi umwe, dusubira ku isi.” Baravuga abati: “Yesu azaza, kandi azaca urubanza akurikije Ijambo watubwiye. Hanyuma niba wemerewe icyo gihe, ni ko bizagenda,” baravuga bati: “noneho uzatwerekana imbere Ye, nk’iminyago yawe y’umurimo wawe.” Bati: “Uzatuyobora kuri We, kandi, twese hamwe, tuzasubira ku isi, kubaho iteka.”

Ndavuga nti: “Ese ubu ndasubirayo?”

“Yego. Ariko komeza utambuke.”

¹⁶⁰ Naritegereje. Kandi nashoboraga kubona abantu, uko nagendaga nitegereza, bakomeza kuza, bashaka kumpobera, basakuza bati: “Mwene Data w’igicro!”

¹⁶¹ Muri ako kanya Ijwi rivavuga riti: “Abantu bose wakunze, n’abandi bose bagukunze, Imana yarabaguhaye Hano.” Nuko nditegereza. Maze hano haza imbwa yanjye ishaje, iza igendagenda. Haza ifarashi yanjye, inshyira umutwe wayo ku rutugu rwanjye, maze irabira. ati: “Abo wakunze bese, n’abagukunze bese, Imana yabashyize mu biganza byawe, binyuze mu murimo wawe.”

Nuko numva ubwanjye mvuye aho Hantu heza.

¹⁶² Narebye hirya no hino. Ndavuga nti: “Ese uri maso, mukundwa?” Yari agisinziriye.

¹⁶³ Nuko ndatekereza nti: “O Mana! Yoo, mfasha, O Mana. Ntuzigere unyemerera gutandukana n’Ijambo na rimwe. Reka nkomeze neza kuri iryo Jambo, kandi ndibwirize. Ntitaye ku

biza cyangwa ibigenda, ibyo umuntu uwo ari we wese yakora; ni kangaha bene Sawuli a . . . abahungu ba Kish bazamuka, ni kangaha *ibi*, *biriya*, cyangwa *ibindi*. Reka nze, Mwami, nihatire kujya aho Hantu.” Ubwoba bwose bw’urupfu . . .

¹⁶⁴ Ibi ndabivuze, hamwe na Bibiliya yanjye iri imbere yanjye, muri iki gitondo. Mfite umuhungu muto hariya, ufite imyaka ine, wo kurerwa. Mfite umukobwa w’imyaka icyenda; n’umusore w’ingimbi, ndabinshimira, ibyo byahinduye inzira y’Uwiteka. Mana, reka mbeho, mbigize hejuru mu nzira z’Imana.

¹⁶⁵ Kandi hejuru y’ibyo, isi yose isa nk’aho indirira, abagore n’abagabo bafite imyaka mirongo cyenda, nibindi nk’ibyo, “Iyo utaza kugenda, ntitwari kuba hano.”

¹⁶⁶ Kandi, Mana, reka nkomeze urugamba. Ariko niba mfuye, ntabwo ndi indashima. Byaba ari umunezero, byaba bishimishije, kwinjira, nkava muri ubu buriganya n’agasuzuguro.

¹⁶⁷ Niba nashoboraga kubaka, hejuru cyane, ibilometero ijana by’uburebure, urukuta rwa mpande enye, ibyo byaba ar Urukundo rutunganye, buri ntambwe muri iyi nzira, iragorora, kugeza tumanutse tukagera aho tugeze ubu. Byaba gusa ari igicucu cy’uburiganya, bw’ako kantu gato dushobora kumva no gusobanukirwa ko hari ikintu ahantu runaka. Ntabwo tuzi icyo ari cyo.

¹⁶⁸ Yoo, nshuti zanjye z’agaciro, bakundwa, bakundwa banjye b’Ubutumwa Bwiza, bana banjye bavukiye mu Mana, munyumve, njye pasiteri wanyu. Mwebwe, nifuzaga ko habaho uburyo nabibasobanuriramo. Nta magambo ahari; ntabwo nashoboye kuyabona; ntaho yaboneka. Ariko hejuru y’uyu mwuka duhumeka wa nyuma, ni ikintu cyiza cyane cyigeze kubaho . . . Nta buryo bwo kubisobanura. Nta buryo. Gusa sinshobora kubikora. Ariko ibyo mukora byose, nshuti, mushyire ku ruhande ibindi byose kugeza mubonye Urukundo rutunganye. Mugere ahantu mushobora gukunda abantu bose, umwanzi wese, n’ibindi byose.

¹⁶⁹ Urwo ruzinduko rumwe Hano, kuri njye, rwangize umuntu utandukanye. Ntabwo nshobora na rimwe, nta na rimwe, nta na rimwe naba Mwene So Branham nk’uko nahoze. N’ubwo indege zanyeganyega, n’ubwo imirabyo yarabya, n’ubwo umurashi yamfatiraho imbunda, ibyo ari byo byose, ntacyo byantwara. Ngiye gukomeza ninjira mu rugamba, kubw’ubuntu bw’Imana. Kubera ko, nabwirije Ubutumwa bwiza ibiremwa byose na buri muntu uko nshoboye, mberekeza kuri kiriya Gihugu cyiza hakurya.

¹⁷⁰ Byasa nk’ibikomeye. Bishobora gufata imbaraga nyinshi. Sinzi ari igihe kingana iki. Ntabwo tubizi, tuvuze ku buyo bugaragarira amaso. U . . . Kuva mu kizamini cyanjye ejobundi, yaravuze ati: “Ufite imyaka makumyabiri n’itanu y’ubuzima

bugoye, ubuzima bwiza. Urakomeye.” Ibyo byaramfashije. Ariko, yewe, ntabwo ari byo. Ntabwo ari byo. Ni ikintu kiri *hano*. Ubu buriganya bugomba gushira bukazana ubudahemuka. Uyu muntu upfa agomba kwambara ubudapfa.

¹⁷¹ Abahungu ba Kish bashobora guhaguruka. I . . . Ibintu byiza byose bakora, nta na kimwe mfite cyo kubirwanya, Bagira icyo baha abakene bakanabafasha. Kandi mwibuke, impamvu, Samweli yabwiye Sawuli ati: “Nawe uzahanura.” Kandi benshi muri abo bagabo barakomeye, ababwiriza bakomeye, bashobora kwamamaza Ijambo nka ba malayika bakuru. Ariko na none ntabwo byari ubushake bw’Imana. Imana yagombaga kuba umwami wabo. Mwene Data, mushiki wanjye, urareka Umwuka Wera akakuyobora.

Mureke twunamishe imitwe yacu akanya gato.

Ndambiwe mu rugo, ndashaka kubona Yesu,
Ndashaka kumva izo nzogera nziza zo hakurya
zirangurura;

Byamurikira inzira yanjye kandi bizamara
ubwoba bwose;

Mwami, reka turebe hakurya y’urusika
rw’ibihe.

Mwami, reka ndebe hakurya y’urusika
rw’ububabare n’ubwoba,

Reka ndebe izuba ryaka cyane;

Byashimangira kwizera kwacu kandi
bigakuraho ubwoba bwose;

Mwami, reka barebe hakurya y’urusika
rw’ibihe.

¹⁷² Nzi neza Mwami, niba iri torero rito, muri iki gitondo, ryashoboraga gusa kwitegereza hakurya y’urusika: nta mubababaro ubarimo, nta wigeze ubaho; nta ndwara; nta kindi uretse gutungana. Kandi ni umwuka umwe gusa hagati y’aho na Hano, kuva mu busaza kugeza mu buto, buri gihe kugeza Iteka ryose, guhera ku muruho w’ejo hazaza, n’umubabaro w’ejo hashize, kugeza muri iyi minsi y’ibihe bidashira birimo gutunganywa.

¹⁷³ Ndasenga, Mana, kugira ngo uhe umugisha abantu bose bari hano, niba hari abari hano, Mwami, batakuzi muri ubwo buryo bw’Urukundo. Kandi muby’ukuri, Data, nta kintu gishobora kwinjira aho Hantu hatagatifu hatabayeho ubwo bwoko bw’Urukundo, Ivuka rishya, kuvuka ubwa kabiri. Umwuka Wera, Imana, ni Urukundo, kandi tuzi ko ari ukuri. Nta kibazo niba twimura imisozi kubwo kwizera kwacu, niba twarakoze ibintu bikomeye, biracyaza, bitabaye ibyo, ntidushobora kuzamuka urwo rwego rukomeye murabyumva. Ariko hamwe n’Ibyo, Bizatuzamura biturenze uku kwita ku

by'isi. Ndasenga, Data, kugira ngo uhe umugisha abantu bari hano.

¹⁷⁴ Kandi, kugira ngo, umuntu wese unyumvise, muri iki gitondo, avuge uku Kuri, ko Uri umuhamba wanjye, Mwami, nka Samweli wo hambere, “Ese nigeze kubabwira ikintu cyose mw'Izina Ryawe ariko cyari ukuri?” Ni abacamanza. Kandi ubu, ndababwiye, Mwami, ko wanjyanye muri kiriya Gihugu. Kandi Uzi ko ari ukuri.

¹⁷⁵ Noneho, Data, niba hari bamwe batakuzi, reka iki kibe ari ari cyo gihe bavuga bati: “Mwami, shyira muri njye ubushake bwo kuba mu bushake Bwawe.” Bitwemerere, Data.

¹⁷⁶ Noneho, mwebwe, mwunamishije imitwe, ese mwazamura ibiganza, mukavuga muti: “Munsengere, mwene Data Branham, Imana iraza kubana imbere muli njye.”

¹⁷⁷ Noneho mu gihe ufite ukuri aho uri, uryohewe by'ukuri, kuki utabwira Data gusa uti: “Mana, mu mutima wanjye, uyu muni, nanze ibintu byose by'isi. Nanze byose, mpisemo kugukunda no kugukorera, ubuzima bwanjye bwose. Kandi nzabikora, guhera uyu muni, nzakomeza kugukurikira, muri buri Cyanditswe cya Bibiliya Yawe Yera”? Niba utarabatijwe umubatizo wa Gikristo, “Nzabikora, Mwami.”

¹⁷⁸ “Niba ntarabona Umwuka Wera...” Uzamenya igihe wawakiriye. Bizaguha—Bizaguha ibyiringiro n'Urukundo ukeneye. Yoo, ushobora kuba warakoze ibintu bitandukanye, ukagira ibiyumvo, nk'uko ushobora kuba waratatswe cyangwa ukavugaga mu ndimi, ni byiza. Ariko niba urwo Rukundo rw'Imana rudahari, nyizera nonaha, uvuge uti: “Mwami, bishyire mu mutima wanjye, no mu bugingo bwanjye, kugera ku Mwuka Wawe, kugira ngo nshobore kukunda, no kubahwa, no kugira urwo Rukundo rw'Imana mu mutima wanjye, uyu muni, ibyo bishobora kuzanjyana muri kiriya Gihugu ubwo umwuka wanjye wa nyuma uzaba unshizemo,” mu gihe dusenga. Namwe musenge, mwebwe ubwanyu, ubungubu. Mu buryo bwanyu, murasenga, musabe Imana ibakorere ibyo.

¹⁷⁹ Ndabakunda. Ndabakunda. Mwa bagabo beza mwe mwicaye hano mufite imitwe yuzuyeho imvi, mwarakoze cyane kandi mugaburira abana bato! Mwebwe bakene, babyeyi bakuze mwahanaguye amarira mu maso yabo! Reka mbizeze ibi, mushiki wanjye, nshuti, ntabwo ari yo nzira nzira ikwambutsa ikuganisha ku wundi buriya. Nizera ko biri mu cyumba byanze bikunze. Ni urwego gusa turimo. Ubu ni uburiganya tubayemo ubungubu.

¹⁸⁰ “Ariko ubushshake buri muri njye, Mwami, bube ari bwo bushake Bwawe.” Murasenga, mu gihe dusengera hamwe.

¹⁸¹ Nyakubahwa, Mwami, dushingiye ku Ijambo Ryawe n'Umwuka Wawe Wera, twishimiye cyane ko tuzi Inkomoko yacu. Twishimiye ko twari “ntabwo twavutse ku ushake

bw'umuntu, cyangwa ku bushake bw'umubiri, ahubwo twavutse ku bushake bw'Imana.”

¹⁸² Kandi turasenga, uyu muni, Data, aba basaba ubuntu bwo kubabarirwa, ngo Umwuka Wawe uze gukora uwo murimo, Mwami. Njye nta buryo mfite bwo kubikora; Ndi umuntu gusa, undi muhungu wa Kish. Ariko turagukeneye, Umwuka Wera.

¹⁸³ Mana, reka mbe nka Samweli, umwe uvuga Ukuri kw'Ijambo. Kandi Wabyemeje, kugeza ubu, kandi ndizera ko Uzakomeza, igihe cyose nzakomeza kukubera umunyakuri.

¹⁸⁴ Reka bese bakire Ubugingo Buhoraho, Data. Reka ntibacikanwe n'uyu muni. Mu isaha ubwo bazaba bavuye kuri iyi si, reka ibi, ibyo maze kubabwira, byugurure ukuri. Mu gihe twicaye hano, turi abapfa, uyu muni, tureba isaha yacu, dutekereza ku ifunguro ryacu rya saa sita, ku kazi k'ejo, ku myitozo n'imirimo y'ubuzima, nta bizabaho icyo gihe. Byose bizashira. Nta mpungenge zizabaho; bizaba ari ibyishimo bikomeye by'Iteka. Bahe ubwo bwoko bw'Ubuzima, Data, buri wese. Kandi birashoboka . . .

¹⁸⁵ Ndakubaza ibi, Data, ko umuntu wese uri hano muri iki gitondo, wumvise mvuga iby'iri yerekwa, ese nahurira na buri wese hakurya; n'ubwo hano hashobora kuba abagabo batavuga rumwe nanjye, n'abagore, nabo. Ariko, Data, ntuzigere ureka ibyo ngo bihagarare mu nzira zacu. Reka duhure nabo Hariya, kandi bariruka, nabo, tuzafatana urunana, dusakuza tuti: “Mwene Data w'Igiciro.” Reka bibe nk'aho byerekanwe Hano, Mwami, kuri buri wese, abo nakunze bese, n'abankunze bese. Ndasenga ngo bizabe muri ubwo buryo, Mwami. Kandi ndabakunda bese. Reka bagaragare, Data. Mbahaye Ubugingo Buhoraho. Nibagire uruhare rwabo, kugirango babwemere. Kubera ko mbisabye mw'Izina rya Yesu. Amina.

¹⁸⁶ Dufite akanya gato, ko gusengera abarwayi. Ndabona dufite umukobwa muto, urwaye hano, n'umugore uri mu kagare.

¹⁸⁷ Noneho, bavandimwe nkunda cyane, bashiki bacu, nyamuneka ntimunyumve nabi. Njye—njye sinzi uko byagenze. Sinzi uko byagenze. Ariko, Mana, ndamutse mpfuye, ureke nsubire Hariya. Gusa reka nzajye aho Hantu, ni ho nshaka kuba, aho ari ho hose. Ntabwo ngerageza kuba Pawulo wafatiwe mw'ijuru rya gatatu. Ntabwo ari ibyo mvuze. Nizera ko Yashakaga gusa kunshishikariza gukomeza, agerageza kumpa akantu gato ko kunsunika, mu murimo wanjye mushya w'ubutaha.

¹⁸⁸ Byaba bisa nk'ibigayitse nsomye ikintu hano, umunota umwe gusa? Ese ntibyaba ari byiza? Kimwe mu binyamakuru bikomeye mu gihugu, Billy Graham:

Dogiteri Billy Graham Yatumiwe Muri Isilamu, ku rupapuro rwa mbere rwa Afrikaans Times, Muri Gashyantare tariki cumi n'eshanu, 1960. Umwanditsi w'iki

kiganiro, yari Umuyisilamu, Mohammedan, atekereza ko ibitangaza bigomba gukurikira Ubutumwa bwiza bwa Kristo, nk'uko yari ari ejo, n'uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose. Twasubiyemo: "Ni ibi ngo: Kristo yasezeraniye abayoboke be, igihe Yavugaga ati: 'Unyizera, imirimo nkora nawe azayikora; ndetse n'iruta iyo azayikora.' Hari ubwo Itorerero ryigeze rikora imirimo, iyo i-i iranga Kristo muri Bibiliya? Birashoboka uyu muni? Haba hari itorerero rishobora gutandukanya, gukora nibuze kimwe cya kabiri cy'ibitangaza byakozwe na Kristo, tutibagiwe 'imirimo ikomeye'? Wabishobora, nk'umuntu ku giti cye, uzwi, wunganira Umukristo, kuzuka, kuzura abapfuye ukabagarura mu buzima bw'umubiri? Ushobora kugendeshya ibirenge ku nyanja? Ushobora gukiza abarwayi no guhumura impumyi? Ntabwo ari ibi, ukurikije ibihe byavuzwe haruguru, byerekanwe na Mohammedan, cyangwa, shyiraho, cyangwa, ikizamini n'abayoboke ba Kristo nk'amagambo ya bamwe, byari mu myizerere yanyu?" Byinshi mu ngingo za Isilamu biragaragara ko ari ukutamenya ikintu ku kindi.

¹⁸⁹ Batesha agaciro uyu Muysilamu, ariko yari afite ukuri. Ahubwo dore icyo bagombaga kuvuga:

Igisubizo cyiza kuri ibyo, ni ugusoma Bibiliya, no kumenya Korowani. Korowani ibabazwa n'uko...na... yababajwe no kugereranya. Ikirego cya "Ubuhamedisimu ni indashyikirwa kandi iruta kure Ubukristu," ntivangiye, (b-o-m-b-a-s-t-i-c) ibitekerezo by'ibisasu biturika (ndakeka). Umwanditsi, nyamara, yakoze ku ngingo y'ingenzi yerekeye ibitangaza by'Itorerero. Ariko hano na none turashidikanya ku bunyakuri bw'umwanditsi, kuko ni inde washobora kwerekana kandi agashobora guhakana ibitangaza byakozwe na Revera William Branham imbere y'Abayisilamu muri Afurika y'Epfo, igihe ibihumbi icumi byakiraga Kristo nk'Umukiza muni y'umurimo wa William Branham, i Durban, muri Afurika y'Epfo, n'ahandi ku isi, cyangwa kuri T. L. Osborn muri Afurika y'Uburasirazuba? Birumvikana ko duhagaze ijana ku ijana kuri Billy Graham. Twaganiriye ku ngingo y'ibibazo, ni oya...iyi ngingo y'ibibazo nta gaciro ifite.

¹⁹⁰ Ariko hagati ya buri kintu cyayo (Barampamagaye... baravuga ngo twari abafana, ngo ntitwari tuzi icyo dukora.), bagombaga guhamya, mu mpapuro zabo, koi ari Imana yabikoze, uko byagenda kose. Imana nk'Imana, uko iri uyu muni, ni nk'uko yahoze.

¹⁹¹ Ntushobora gutekereza ko batabyemera, ntibabibona. Gusa ntabwo bihishwe; ntibikorwa mu bwihisho.

¹⁹² Kandi ibihumbi magana by'abantu bari aho,

barabyitegereje. Ubwo babonaga uriya muhungu wamugaye, ababaye aje ahongaho, Umwuka Wera umubwira ubuzima bwe, n'ibintu, ndetse n'ibyabereyeyo. Nuko areba Abayisilamu ibihumbi icumi bagarama hasi, barambaraye, kandi bemera Yesu Kristo nk'Umukiza wabo.

¹⁹³ Twabonye T. L. Osborns, n'abandi, bakigaburira intama Ibyo kurya. Ndayekaga ko Mwene Data Osborn ataramanuka ngo ahure n'Abayisilamu. Bavuga ko ari bo biganjye cyane. Ariko turacyafite Imana ishobora kwambura intama intare, ishobora gukiza intama idubu.

¹⁹⁴ Byangiriye akamaro kumenya ko bagomba kubandikira no kubimenya. Oya, batekereza ko batabikora; baragenda batera umugongo, bavuga bati: "Ah, iminsi yabo yararangiyeye."

¹⁹⁵ Umuyisilamu yaravuze ati: "Ni byo? Bibiliya yose ibyayo byarahise. Mwese muribeshya. Murimo gusenga Umugabo, Umugabo wapfuye, kandi Izina Rye ni Yesu. Kandi yarapfuye, hashize imyaka myinshi, kandi nta kintu nk'icyo cyabayeho nk'uko We afatwa nk'uwazutse."

¹⁹⁶ Ariko ntibashoboraga kuvuga ibyo mu materaniro ya Durban. Yahagaze aho akora ibintu nk'ibyo yakoze, birabemeza. Ndetse na—n'amadini agomba kugaruka, umuntu ukomeye wanditse akambwira ko ngomba kugaragariza inyigisho zanjye kuri Bibiliya, ni we wagombaga kwandikira ibyo mu mpapuro zabo. Imana izatuma bayihimbaza, uko byagenda kose, noneho, ntitubwitaho. Ni ukuri. Izatuma bayihimbaza, uko byagenda kose.

¹⁹⁷ Twabonye umukobwa muto muto, urwaye wicaye hano. Uwo ni umwana wawe? Ni ikihe kibazo afite, mushiki wacu? [Mushiki wacu ati: "Ni ukuva amaraso mu bwonko."—Ubwanditsi.] Madamu? ["Kuva amaraso mu bwonko."] Amaraso ava mu bwonko. ["Narakwandikiye, hashize imyaka myinshi, ku byerekeye kuva amaraso mu bwonko kwe."] Yego, yego. ["Ubu ararwaye, hazaba hashize imyaka ine muri Kanama."] Imyaka ine, muri Kanama. ["Mwene Data Neville yaramanutse ajya kumureba."] Yewe, muturutse muri Marengo, cyangwa ahandi hepfo hariya? ["Paoli."] Paoli. Uyu ni wa mukobwa, rero? Hariho ikintu kimwe gusa, mubyeyi, gishobora gukiza uyu mukobwa: ni byo, kuba Imana imuzi. ["Ni mwiza cyane kurusha uko yari ari."] Ndabyishimiye cyane.

¹⁹⁸ Wigeze ujya kumusengera, Mwene Data Neville? [Mwene Data Neville aravugaga ati: "Yego, mugenzi."—Ubwanditsi.] Kuva Mwene Data Neville amanuka akaza akamusengera, yahise amererwa neza. Aracyafite abungeri bazi ibyo Kurya by'intama.

¹⁹⁹ Ni ikihe kibazo ufite, mushiki wanjye nshuti, wicaye mu ntebe yawe, hariya? [Mushiki wacu aravugaga ati: "Afite kanseri."—Ubwanditsi.] Kanseri.

200 Ni byiza, niba nabashaga kugira icyo nakubaza gusa, wenda hano. Ni bangahe hano bakize . . . kanseri? Muzamure ibiganza byanyu. Reba hano, mushiki wanjye. [“Afite ubumuga bwo kutumva, kandi ntashobora kumva ibyo uvuga.”—Ubwanditsi.]

201 Imana ni yo ikiza. Turabizi. Niba narababwiye ko nshobora kumanuka maze ngakuramo ayo maraso ava mu bwonko bw’uwo mukobwa maze akamererwa neza, Naba nkubwiye ibitari byo, cyangwa se, ko nshobora gukura kanseri muri uwo mugore. Ariko nzi ikintu kimwe, habayeho idubu (kanseri, ikibyimba, ubuhumyi, ndetse n’urupfu) yafashe zimwe mu ntama z’Imana, umunsi umwe, naragiye mfite imbaraga z’Imana, ndayica ngarura izo ntama. Ni byo. None turasohoka uyu munsi, ndafite ikintu gikomeye, *n’ibindi-n’ibindi*. Ndasohoka mfite intwaro ntoya y’isengesho. Iraza kumugarura.

202 Murabyizeye, si byo, mushiki wanjye? Urizeye, nawe, si byo, mushiki wanjye? Ni bangahe muri mwe bizera n’umutima wabo wose nonaha?

203 Noneho mwunamishe imitwe yanyu mu gihe ngiye gusenga.

204 Data mwiza, umukobwa mwiza uryamye hano, udashobora na rimwe kugenda ukundi, cyangwa kuzenguruka, cyeretse Umufashije. Umwanzi yaramufashe. Yanyuze ku muganga uwo ari we wese. Umwanzi yamugejeje kure murabyunva, kugeza aho nta muganga ushobora kugira icyo yakora. Ariko ntabwo byakugora kumugeraho, Mwami. Ari neza aho ushobora kumurambikaho ikiganza Cyawe. Nshingiye ku Ijambo ry’Imana, ndambitse ibiganza byanjye kuri uyu mukobwa ukiri muto, kandi namaganye uku kuva amarasu mu bwonko. Mw’Izina rya Yesu Kristo, ongera umugarure abe umugore usanzwe. Azabaho kubw’icyubahiro cy’Imana. Namererwe neza, yinjire kandi asohoke muri uru rusengeru, nk’abandi binjiye, bise n’ibi, ashimira Imana. Bibe bityo, binyuze muri Yesu Kristo.

205 Nk’uko imisatsi ye ari myiza, byiyongereho izindi nshuro nkeya, kandi buriya azaba muri kiriya Gihugu aho nabonye nta gusaza kuzongera kubaho, ahubwo ari ukuba umusore. Ariko abakunzi be bicaye hano, barimo kurira, kandi baramukunda. Umwanzi ukomeye yaramufashe amujugunya hanze ku buryo byarenze muganga, intare iteye ubwoba ya kanseri. Mana, ndaje, nyuma ye. Nje kumugarura. Nishe intare ya kanseri, mw’Izina rya Kristo udatsindwa, Kuri We Ndi Ambasaderi. Nimuvemo, kandi amererwe neza, kandi abeho imyaka myinshi, isigaye, kubw’icyubahiro n’ubwiza by’Imana, binyuze muri Yesu Kristo Umwami wacu.

206 Noneho, Data wo mu Ijuru, ibyo ntibiri mu ntwaro zikomeye, ntabwo ari icumu rityaye, imvugo n’amagambo ya bamwe bavuga, ariko hamwe n’ibisanzwe, bike byerekana kwizera. Naje kubw’ubu bugingo, kandi uyu mubiri umwanzi wa kanseri

yarawufashe birenga abaganga. Ariko ndaje ku bwe, muri iki gitondo, Mwami, ndamugarura mu rwuri rw'ubwatsi butoshye n'amazi y'urubogobogo. Mw'Izina rya Yesu wanesheje, nkaba ndi ambasaderi We. Hamwe no kwizera kudashidikanywaho, nizera ko aza kugarurwa, n'imbaraga z'iri sengesho twakoze. Bibe bityo...?...

207 (Ndizera ko hari umurimo wo kubatiza. Urahari?) [mwene Data Neville aravuga ati: "Yego mugenzi. Ababwiriza babiri babonye abantu bamwe bo kubatiza."—Ubwanditsi.]

208 Mwakunamura umutwe akanya gato? Pasiteri amaze kumvugisha...

209 Aba bantu bararwaye cyane, bararwaye cyane. Baraza kumererwa neza. Gusa ntmu... Ni byiza. Amasezerano y'Imana ntajya ananirwa. Turabakurikira.

210 Babonye umurimo wo kubatiza. Hariho abantu bamwe bagomba kugenda. Turaza kongera kugira umurimo muri iri joro.

211 Mbese hano hari umuntu utabasha kuza muri iri joro, akaba ushaka ko tumusengera nonaha, ibyo ntibishobora kubera hano muri iri joro? Washobora kuza hano noneho, wowe utabasha kuza iri joro. Ndaza kumara igihe kinini; nshyiraho umurongo w'amasengesho, iri joro. Bagomba kubatiza abo bantu.

212 Mwabonye umwana muto hariya? Ni byiza. [Mwene Data aravuga ati: "Byaba byiza niba nguhaye ibi?"—Ubwanditsi.] Ni byo, mwene Data. Murakoze cyane. Byaba byiza niba nabisoma nyuma ho gato cyangwa se nonaha? Urakoze, mugenzi.

213 Noneho iyaba wari uduhaye umunota umwe cyangwa ibiri gusa, icyo gihe twagira u—umurimo wo—wo kubatiza. Nzi ko ushaka kuza kuwureba.

214 Kandi abifuza kubatizwa muri iki gitondo, murahari, rero, abagore banyure *hano* bajye guhindura imyenda yabo, kandi abagabo nabo banyure muri *uru* ruhande. Nuko mu gihe ndimo gusengera aba barwayi, noneho mushobora kuba mwitegura umurimo wo kubatizwa. Kandi abo ubu ba...

215 Noneho, iri joro, ndagerageza gukora u—umurimo muto w'amasengesho, iri joro, ako kanya, bakimara kwinjira. Turatangirira mu gitabo cya 1 cy'Abefeso, iri joro. Kandi ubu turibwishimire cyane kubana namwe, niba mudafite itorerero ryo kujyamo. Ariko niba mufite umushumba wanyu n'itorero, noneho namwe—mwitabire itorerero ryanyu ry'agaciro aho mushyigikira.

216 Niba mwebwe mugomba kugenda, kandi mukaba mugiyeye kugenda muri iki gihe, Imana ibahe umugisha. Muzongere kubona natwe igihe mubishoboye. Tuzishimira kubabona.

217 Urashaka gusengerwa, mwene Data? Ni ikihe kibazo cyawe? Umuvuduko ukabije w'amaraso.

218 Noneho, abasigaye, mu gihe twunamishije umutwe, umunota umwe, turagira ngo dusenge.

219 Data, ndagushimiye, uyu muni, kubw’umwungeri muto, isengesho ryazanye intare ipfukamye, kandi yambuwe umwana w’intama muto, ashwirwa nyina na se. Ndasengera mwene Data. Ndasaba ngo Umugarure amahoro, na we, Mwami. Reka umuvuduko w’amaraso n’ibibazo by’umubiri we bihagarare. Ndamukurikira, Mwami, umugarure, mw’Izina rya Yesu Kristo. Bibe bityo. Amina.

Imana iguhe umugisha, mwene Data.

Urimo kumanuka, ndabona ufashe umuhungu muto, ufite ubumuga bwo kutabona.

220 Ikindi kintu kimwe nashaka kuvuga. Nari mfite... ararembye cyane, yari arimo kuruka. Natekereje... Sinshaka ko ibi bikunyuraho, niba ubishoboye. Natekereje nti: “Mana, natanga iki niba numvise umuntu ahagarara hanze? Umugore wanjye yavuga ati: ‘Billy, hano hari umusaza witonze kugira ngo akubone.’

221 “Kandi hano akaza buhoro, umutwe w’uruhara hamwe n’ubwanwa bw’imvi bumanutse mu maso. Yarinjiye, aravuga ati: ‘Uri mwene Data Branham?’

“Nagombaga kuvuga nti: ‘Yego, mugenzi, ndi we.’

222 “‘Nitwa Simoni. ’Andambikaho ikiganza, maze aranyitegereza umunota umwe. Aravuga ati: ‘Uri umwizera, mwene Data Branham.’

“‘Yego.’

223 “‘Bizaba byiza. Mbye Simon Petero, wo muri Bibiliya. Mbega ukuntu nabyishimira! Ntabwo yagomba kuvuga byinshi. Gusa andambikaho ikiganza cye, mererwa neza.’”

224 Noneho ibiza kuri nje, ni kubw’ubufasha bw’Imana, n’ubuntu bw’Imana, hari abantu ibihumbi mirongo bemera ikintu kimwe, iyo nza kubasanga. Nuko ndatekereza nti: “Mwami, reka ngere kuri buri wese nshoboye, ubwo. Ndeka gusa—gusa...”

225 Ndatekereza nti: “Niba Simoni, cyangwa Pawulo gusa, umwe muri bo, yaza gusa akavuga ati: ‘Ni wowe Mwene Data Branham?’

“‘Yego.’

226 “Undambikeho ibiganza, unyitegereze, uvuge uti: ‘Ni byiza, Mwene Data Branham, sohoka.’

227 “Namererwa neza. Naba meze neza. Ni ukuri. Naravuze... Muhungu, ubutwari bwanjye bwagenda neza fata ako kanya. Ndavuga nti: ‘Ngiye kumererwa neza.’ Yego mugenzi.”

228 Kandi hariho abantu bizera ikintu kimwe muri iki gihe. Kandi ni byo nje gukora hano, kukurambikaho ibiganza, nsaba Imana.

229 Ndashaka kujyana n'uyu muhungu muto muto, mushiki wanjye, umunota umwe gusa. Ni umuhungu muto, ufite ubumuga bwo kutabona. Ubumuga abumaranye igihe kingana iki? [Mushiki wacu ati: "Kuva akivuka."—Ubwanditsi.] Kuva akivuka.

230 Uraho, mwana muto! Yoo, umeze neza, mwana muto...?...

231 Mana y'ubuntu! Urenze abaganga, mu gihe cyo kuvuka k'uyu mwana w'umuhungu, wavukanye ubumuga bwo kutabona, kandi ntashobora kubona; uyu mwana mwiza, umuhungu muto w'igikundiro. Kandi umwanzi, mbere y'uko uwo musore muto agira amahirwe mu buzima, yamuteye ubwoba ko birenze muganga. None, nsohotse njya kumushaka, muri iki gitondo, Mwami. Hamwe n'iri sengesho rito. Reka mugarure, Mana. Nahuye n'umwanzi, satani, mw'Izina rya Yesu Kristo, kandi ndasaba uyu muhungu kubw'Imana. Ndasaba ko abona, kubw'Imana, amugarurira ibyo Satani yamunyaze. Yabisubirana. Mw'izina rya Yesu Kristo, biraza kuba. Noneho, rero nibibe.

232 Noneho, mushiki wanjye, nshuti, ubungubu, ntugire ikibazo na kimwe cyo gushidikanya ko uyu mwana muto aza kumererwa neza. Kandi ndashaka ko, wowe umugarura hano ku rusengero, maze wereke abantu, ko ashobora kubona, noneho, si byo?

Muhe amaso ye, mw'Izina rya Yesu Kristo...?...

233 Mwami Yesu, kurambikaho... Uyu mwana twamusengeye cyane! Ariko, muri iki gitondo, nongeye kuza mu Izina rya Yesu Kristo, mfite aka gashusho gato Wampaye. Kandi Wamfashije kuri ibi, Mwami, kubw'imbaraga Zawe, gufata a... akanwa ka kanseri, akanwa k'urupfu ubwarwo, uzure abapfuye nyuma yo gutangazwa ko bapfuye, kandi usubize hasi ubukonje n'imbeho. Naje nyuma y'uyu mwanzi, mw'Izina rya Yesu Kristo. Mugarurire rero ubuzima bwiza, Mwami. Biduhe. Bikore rero, kubw'icyubahiro cy'Imana.

234 Kandi ugomba gusengerwa? [Mushiki wacu avugana na mwene Data Branham—Ubwanditsi.] Uri umwizera? ["Yego."] Mwami, ndamuzanye, mugejeje kuri iyi shitingi nto. Mw'izina rya Yesu Kristo, nibimureke kandi ntibizagaruke.

235 [Mushiki wacu avugana na mwene Data Branham—Ubwanditsi.] Ni byiza, ako kantu gato kashushanyije, kagiye kugera kuri Mwene Data Harley, no ku mukobwa wawe nawe ubwawe.

236 Noneho Data wo mu Ijuru, ndaje nkurikire umwanzi, nkoresheje uyu mugenzi muto wampaye, kuko wabivuze, "Niba utumye abantu bizera, kandi ubikuye ku mutima iyo usenga,"

urwo rutare ruto ruzajya ku ibambiro. Reka bigende none, Mwami, nk'uko mbyohereje nkurikije icyifuzo cye. Mw'izina rya Yesu Kristo, bibe bityo. Amina.

²³⁷ [Mushiki wacu avugana na mwene Data Branham—Ubwanditsi.] Ni byo, mushiki wanjye. Ubu turi...Imitsi yananiye abaganga. Bishobora kuguha ikintu cy'uburyo bwo kugucecekesha, ariko bizatuma umererwa nabi kurushaho, nyuma y'ibyo. Yego. Noneho reba. Tugiye gusohoka nyuma yabyo, muri iki gitondo. Gusohoka; kugarura. [Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti.]

²³⁸ Mwami Yesu,...[Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.]...amabuye mato atanu, f-a-i-t-h, n'umurungo w'amasengesho. Kandi ndagarura mushiki wanjye mukure mu mikaka y'uburakari...?....ahongaho. Mugaruye mu mahoro y'urwuri rutoshye ndetse no ku mazi y'urusaro. Ibi ndabikora mw'Izina rya Yesu Kristo. Amina.

[Mushiki wacu avugana na mwene Data Branham—Ubwanditsi.]

²³⁹ Data Mana, uyu mwana w'umukobwa, twishimiye cyane ko atari uburwayi bw'imitsi. Ariko utitaye ku byo ari byo, biracyari mu biganza Byawe, Mwami. Kandi nje mfite umugozi muto wo kwizera, n'iri buye. Kandi negamiye iri buye n'imbaraga zanjye zose. Mw'izina rya Yesu Kristo, ngo rishobore kugera aho rishoboye kugera. Mushiki wacu amererwe neza. Ibi ndabikora mw'Izina rya Yesu Kristo.

[Mushiki wacu avugana na mwene Data Branham—Ubwanditsi.]

²⁴⁰ Nk'uyu mubyeyi ukiri muto, n'urubyaro rwe ruto, muto yifuza guhurira nabo hejuru aho, hakurya, muri kiriya Gihugu cy'icyubahiro navuze gusa, kandi bo...Umubyeyi ntazabaho igihe kirekire kugira ngo...are umwana muto w'umuhungu, kandi nta n'ubwo umwana wawe muto ashobora kubaho igihe kirekire nta bufasha Bwawe. Ariko ndaje mfite umuhumetso, hamwe n'imbaraga zose n'intego y'uko nshobora gufata mpiri umwanzi. Kandi mw'Izina rya Yesu Kristo, ndarimuteye. Bazamererwa neza, kubw'icyubahiro cy'Imana. Mw'izina rya Yesu. Amina.

[Mushiki wacu avugana na mwene Data Branham—Ubwanditsi.]

²⁴¹ Yego, ni byiza cyane. Ndishimye. Ni byiza, iyo minisiteri rero, yari umurimo ukomeye wo kwerekana abantu. Yerekanaga imirimo...?...

²⁴² Data wa twese wo Mw'ijuru, Satani yazonze uyu mubyeyi muto birenze abaganga. Bashobora gusa kumuha imiti muri ubwo buryo, Mwami, izamwangiza gusa, hirya no hino, biragoye kumumenyesha aho ageze. Noneho iyo agezeyo, arushaho

kumererwa nabi. Ariko ndaje hamwe n'iyi shusho y'ukwemera, hamwe n'ibuye, ndiyobore rifite intego nyakuri, rirase neza ku ntego. Mw'izina rya Yesu Kristo, mukuyeho ubwoba, kubw'icyubahiro cy'Imana. Amina.

[Umuntu avugana na Mwene Data Branham—Ubwanditsi.]

²⁴³ Mana nziza, Mwene Data George aryanye hariya, arenda gupfa, nta gihe gishize, Nabonye icyo kwizera kumukorera. None arwaye rubagimpande, Mwami. Turabona ko bashobora kumuha umuti witwa corutizone, ikintu kigabanya ububabare, ariko ntishobora kuyikiza. Dufite intego rero y'iri sengesho, mu Izina rya Yesu Kristo. Reka rubagimpande igende. Reka asubire iwe kandi amererwe neza.


Urakoze, mwene Data.

²⁴⁴ Wabikora ute, mukundwa? [Mushiki wacu avugana na mwene Data Branham—Ubwanditsi.] Oh, mbega! Afite ubumuga bwo kutumva. Ntushobora kumva na gato? Uh-huh. Gusa birenze ubwenge bw'umuntu upfa! Wizera Umwami Yesu? ["Amina."] Ndabona umugore mwiza hejuru Hariya, umwe wo muri iyi minsi. Uzongera gusoreka ubuziraherezo. Nzi ko ushaka kubaho ubu kubw'icyubahiro Cyayo. Gusubira ku . . .

²⁴⁵ [Mushiki wacu aravuga ati: "Oya, mbababajwe n'umuhungu wanjye."—Ubwanditsi.] Umuhungu wawe. ["Ibyo bimaze imyaka irenga ibiri."] Ntushobora kumubona? ["Ari mu biganza by'Imana."] Yego—yaragiye? ["Uh-huh. Binyuze mu kibaya cy'urupfu."] Yoo, ni ibyo. ["Ni ko kababaro kanjye."] Intimba. Yego. ["Mfite intimba. . . Mbababajwe n'agahinda. Kandi ndumva, niba ari ubushake bw'Imana, nshaka ko injyana. Nta kindi mfite uretse umunezero muri Yo."]

²⁴⁶ Mushiki wacu mukundwa, ndashaka ko ugera aho wumva umerewe neza. Yumvise iyerekwa, muri iki gitondo? [Undi mushiki wacu aravuga ati: "Ashobora kuryumva neza."—Ubwanditsi.] Ni byiza, rimubwire.

²⁴⁷ Ni byiza, agiye kukubwira uko byagenze. Hirya y'umwuka wawe uhumeka hano, uriya muhungu w'igicro aragutegereje. Uzaba muto nka we. Kunda, gusa ukunde u. . . [Mushiki wacu aravuga ati: "Sinshaka kuguma aha. Ndashaka kumusanga, niba ari ubushake bw'Imana."—Ubwanditsi.]

²⁴⁸ Data mwiza wo mw'Ijuru, isiganwa ry'ubuzima rirakomeje. Nta byinshi bisigaye. Kandi umuhungu we w'igaciro, uri hakurya yuruzi, aramutse ashoboye kureba inyuma gusa, yavuga ati: "Ni iminsi mike gusa." Aracyarindiriyeho ubwato, Mwami, ibyo buzamunyaza mu gihu, muri kiriya Gihugu cyiza. Muhe umugisha, Data, kandi uhumurize umutima we. Kandi ibyo bibe uguhura gukomeye, hakurya y'uruzi. 

60-0515M Umwami Wanzwe
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org